

IGITABO KU ABAGALATIYA

Wesley R. Stephens

Ijambo ry'ibanze

Isomo: Agakiza ni ubuntu gusa, ku bwo kwizera gusa, muri Kristo gusa.

INCAMAKE.

- I. Pawulo avuga iby'uko ari Intumwa n'ubutumwa yahawe (**Igice cya 1, 2**)
- II. Kuvuganira inyigisho (Gutsindishirizwa no kwizera) **Igice cya 3, 4**
- III. Kwisobanura bifatika (Umudendeze wo muri Kristo) **Igice cya 5, 6**

IMITERERE Y'IGITABO

- A. **UMWANDITSI** = Intumwa Pawulo
 - a. Sawuli w'i Tariso Umuyuda wuzuye ishyaka (**Abafil. 3:4-6**) akaba yaratotezaga Itorero rya Kristo (**Ibyak. 7:58; 8:1-3; 9:1-2**)
 - b. Igikoresho kizima cy'Imana ku by'agakiza k'Ubuntu gusa, ku bwo kwizera gusa no muri Kristo gusa. (**Ibyak. 9:3-19**)
 - c. Wahamagawe n'Imana kuba Intumwa ya Yesu Kristo (**Ibyak. 9:15; Abagal. 1:1; Abar. 1:1**)
 - d. Wahamagawe n'Imana kuba Intumwa y'amahanga (**Ibyak. 13:2; Abagal. 2:9**)
 - e. Wakoreshejwe mu mbaraga zikomeye n'Imana kugira ngo atangize amatorero mu bwami bw'Abagiriki n'Abaroma mu kinyejana cya mbere ubwo yari mu ngendo ze eshatu z'ivugabutumwa no muri Roma (**Ibyak. 13:28**)
 - f. Wemejwe n'imbaraga z'ubutumwa bwiza buhesha abantu bose agakiza baba Abayuda n'Abanyamahanga (**Abar. 1:16**)
 - g. Wanditse inzandiko 13 mu Isezerano rishya (Cg 14 niba ari we wanditse n'urw'Abahaiburayo)
 - h. Umwizerwa ku muhamagaro w'Imana n'iherezo ry'ubuzima bwe bufite intego (**2 Tim. 46-8**)
- B. **Abo rwandikiwe** = Itorero ry'i Galatiya.
 - a. Amatorero yo mu majyepfo y'i Galatiya (Pisidia ya Antiyokiya, Ikoniyo, i Lusitira n'i Deribiya) yatangiye na Pawulo na Barinaba mu rugendo rwabo rw'ivugabutumwa bari kumwe (**Ibyak. 13; 14**)

- b. Yaragizwe n`Abayuda ndetse n`Abagiriki bo mu Mijyi yari ituriye umuhanda munini n`indi mihanda y`ubucuruzi yahuzaga ubwami bwa Roma.
- c. Aba bantu bafashaga Pawulo mu gihe cy`ifuzo bye (**Abagal. 4:13-15**)

1. Ijambo ry`ibanze (1:1-10)

a. Indamukanyo (1:1-5)

1. - Pawulo yigaragaza nk`Intumwa. Yahawe ubutumwa bw`ubuntu kugira ngo abujyane mu Banyamahanga. Ntabwo yoherejwe n`umuntu. Pawulo yari umuhamya wo guhamya Yesu wazutse (**Ibyak. 9**). Ubwe yahuye na Yesu mu nzira ijya i Damasiko. Yakijijwe n`ubuntu bw`Imana. Ubuzima bwe bwose bwahinduwe na Yesu Kristo. Yavuye mu buzima bwo gutoteza Abakristo, atangira kubwiriza ko Yesu yari Umwana w`Imana (**Ibyak.9:20**). Yoherejwe na Yesu Kristo, umwe Imana yazuye mu bapfuye. Ku bwa Pawulo, umuzuko wa Yesu Kristo ni ko kuri kw`ingenzi mu myizerere ya gikristo (**1 Abakor. 15:12-20**). Nta gushidikanya na busa Pawulo yari afite ku muhamagaro we. Mu bihe bigoye, yahoraga atuje ku bwo kumenya ko ibyo arimo ari byo Imana yamuhamagariye gukora (**Abafil. 4:13**).

Bene Data bakundwa, buri mwizera wese agomba kuba afite igihamya umuhamagaro we mu buzima bwe (**Abef. 4:1**). Imana ifite umugambi n`intego ku buzima bwa buri wese. Ikintu nyamukuru tugomba gukorera mu buzima bwacu, n`ukubwegurira Imana burundu.

2 – Pawulo yaranditse ashyigikiwe na bamwe muri bene Se. Ntabwo twapfa kumenya abo bantu abo bari bo, ariko ibyo ari byo byose bari abantu bazwi n`Abagalatiya kandi bakaba bari abizerwa. Amatorero y`i Galatiya hafi ya yose yasaga nk`ari mu majyepfo (Antiyokiya y`i Pisidiya, Ikoniyo, Lusitira n`i Deribiya, amatorero yatangijwe na Pawulo ndetse na Barinaba ubwo bari mu rugendo rw`Ivugabutumwa (**Ibyak. 13-14**))

3 – Pawulo yakoresheje indamukanyo ye yihariye: Ubuntu n`amahoro. Ayo magambo yombi asobanura ubutumwa bwa Yesu Kristo. Ubuntu ni yo soko y`ubutumwa bwiza. Ubuntu ni urukundo Imana yadukunze rutarondoreka. Ubuntu n`uburyo Imana itugaragariza amahirwe n`ineza yayo tutari dukwiriye kandi tutari kuzigera tubona. Ubuntu ni bwo bwatumye Imana yohereza Yesu Kristo ngo adupfire. Ubuntu ni yo nzira imwe gusa yari gutuma umuntu wa kamere y`ibyaha utari kuzigera asabana n`Imana Yera asabana na yo. Amahoro ni igikorwa cy`agakiza kacu. Abizera bafite amahoro ku Mana ku bwo kwizera Yesu Kristo. Nta bwoba bwo guhura n`umujinya ndetse n`urubanza rw`Imana abizera bagira. Ibyo byombi, ubuntu n`amahoro bibonekera mu Mwami Yesu Kristo. Pawulo yibutsa Abagalatiya umutima w`ubutumwa bwiza binyuze muri icyo ndamukanyo.

4 – Pawulo avuga Yesu nk`uwitangiye ibyaha byacu. Yesu yatanze ubugingo bwe abikunze. Ni we Ntama y`Imana yatambwe kuva isi yaremwe. **Ibyah. 13:8**. Nta muntu n`umwe watumye Yesu apfa, ahubwo ni we witanze ubwe ku bw`urukundo yadukunze. **Yoh. 10:18**. Yesu Kristo

ubwe yitangiye ibyaha byacu. Yesu yapfuye ku cyimbo cyacu. Yesu utarigeze akora icyaha, yahanwe igihano cyari kidukwiriye ku bw'ibyaha byacu. **2 Abakor. 5:21.** Yesu yarapfuye ngo turokorwe na we. Yadukijije ubuzima bw'imibabaro y'iteka. Yaturokoye mu maboko ya Satani. Yadukijije igihano cy'icyaha. Ubutumwa bwiza ku bantu n'uko batagomba kujya Gihenomunyuma y'urupfu. Abizera barababariwe kandi bagenewe umwanya mw'ijuru. Yesu nanone yadukijije ibi bihe bibi bigoye. Imibereho y'abizera muri iyi si y'ibyaha ntihindurwa na yo. Yesu yapfuye ku bw'ubushake bw'Imana Data. Imana yakunze abari mw'isi cyane, bituma Itanga ku bushake bwayo Umwana wayo w'ikinege (**Yoh. 3:16**). Imana yashatse ko abagabo, abagore n'abana bakizwa, kandi ibyo twabimenyeshejwe n'uko yatanze Umwana wayo w'ikinege (**2 Pet. 3:9**).

Bene Data bakundwa, turamutse tubaye abizerwa mu kubwiriza, kwigisha no gusangira ubutumwa bwiza, tubasha guhamya ko Imana igiye gukorera mu buzima bw'abandi. Tubasha gusangira ubutumwa bwiza twiringiye kubona Imana ikiza abantu (**Abar. 10:17**). Imana yifuza gukiza abanyabyaha. Iki ni cyo cyatumye yohereza Yesu Kristo (**Luka 19:10**). Tubasha guhamya ko turi mu murongo w'ubushake bw'Imana, niba dusangira ubutumwa bwiza n'abaturanyi bacu. Turasaba ku Mana kugira ngo idufashe kuba abizerwa mu gusangira ijambo ryayo no gutumira abandi kugira ngo biringire Umukiza wacu w'igitangaza.

5 – Pawulo avuga ko ubutumwa bw'ubuntu buhesha Imana icyubahiro. Dushingiye ku buzima bwacu butari bufite ibyiringiro maze tukareba n'ibyo Yesu yadukoreye binyuze mu rupfu rwe no kuzuka kwe, tuzashima tunahimbaze Imana Data. Reka duhore tumuhimbariza ubuntu bwe. Akwiriye icyubahiro cyose.

b. Gucyaha – Yerekana ubutumwa bupfuye (1:6-10)

6 – Mu buryo bwihuse Pawulo agaragaza impamvu yo kwandika kwe. Abagalatiya bari barataye ukuri k'ubutumwa bwiza bari barabwirijwe na Pawulo na Barinaba. Pawulo yatangajwe n'imyitwarire y'Abagalatiya. Mu gihe gito bari bamaze kuva mu kwizera utumwa bwiza bw'ubuntu. Bagendaga bajya kure y'Imana y'ubuntu yabahamagaye. Pawulo yongera kuvuga nanone ko ari ku bw'ubuntu bwa Kristo bakijijwe. Ibyo n'ibintu batabashaga gukorera cyangwa ngw'imirimo yabo ibarindire ako gakiza. Agakiza katanzwe n'ubuntu bw'Imana gusa. Abagalatiya bari barabeshwe n'abigisha b'ibinyoma (ba kiyuda) kugira ngo bizere ubundi butumwa. Abo babwirizaga ubumwa buhabanye n'ubwo Pawulo yabwirizaga; ubutumwa bwiza yahawe na Yesu Kristo. Bigishaga ko kugira ngo abantu bakizwe, bagomba kwizera Yesu ariko kandi bagakomeza n'amategeko ya kiyuda (nko gukebwa). Bigishaga ko agakiza katurutse ku Mana ariko kandi kagashingira ku mirimo y'umuntu. Abo bavangaga ubuntu n'imirimo myiza. Pawulo yagaragaje ko izo nyigisho ari iz'ibinyoma: Ubuntu wongereyeho imirimo ntibiba bikiri ubuntu!

7 – Pawulo agaragaza ko ubutumwa bwa Kiyuda butari ubutumwa bwiza na mba. Ijambo ubutumwa bisobanura “inkuru nziza.” Ubutumwa bwabo bigisha ba kiyuda ntabwo bwari inkuru nziza. Bahagarikaga imitima y'Abagalatiya no guhungabanya kwizera kwabo ku bw'ubutumwa bagoretse.

8, 9 – Pawulo yakoresheje imvugo ikaze muri iyi mirongo. Yavuze ashize amanga ko umuntu wese uzazana ubundi butumwa bunyuranye n'ubwo yavuze agomba kuvumwa. Iyo mvugo yayikoresheje inshuro ebyiri zose. Yavuze yeruye ko ubutumwa abo bigisha ba kiyuda bigishaga bwari buhabanye n'ubutumwa bwiza. Abigisha izo nyigisho z'ibinyoma bari mu mwijima wo mu buryo bw'umwuka, bari barazimiye kandi berekeje muri gihenomu. Ishyaka Pawulo yari afite ku butumwa bwiza ryari rifite ishingiro.

Bene Data bakundwa, dukwiriye kumenya abigisha b'ibinyoma nk'abantu bigisha ibihabanye n'ubuntu bw'Imana. Inzira imwe rukumbi y'agakiza ni yo yigishwa mu byanditswe byera: abantu bakizwa n'ubuntu gusa, binyuze mu kwizera gusa, muri Kristo wenyine. Abigisha bongera cyangwa bahindura ubutumwa bw'ubuntu bahora baciriweho iteka imbere y'Imana kandi umuriro w'iteka urabategereje niba bakomeje guhakana ubutumwa bwiza bw'ubuntu.

10 – Nta gushidikanya, amagambo ya Pawulo yavangiye abantu benshi. Iteka ukuri k'ubutumwa bwiza gucama abantu ibice. Abantu benshi ntibabashakira kumva ko Yesu gusa ari we nzira rukumbi y'agakiza (**Yoh. 14:6**). Pawulo yagiraga abanzi benshi. Abantu benshi baramwangaga kubera urwego yashyizeho ubutumwa bw'ubuntu bw'Imana. Pawulo yasubuje abanzi be ahama ko atari gushakira ishimwe ry'abantu. Ntabwo yari yitaye kw'ishimwe ry'abantu. Yashakaga kunezeza Imana gusa kabone n'aho abantu babimwangira. Pawulo yahamyaga ko ari imbohe ya Kristo. Ikintu cy'ibanze ku mbohe: N'ukunezeza shebuja. icy'ibanze mu buzima bwa Pawulo kwari ukunezeza Umwami n'Umukiza we Yesu Kristo.

Bene Data bakundwa muri Kristo, tugomba gutanga ikiguzi cyose byasaba ngo dukorere Yesu. Tugomba gushakira kumushimisha kurenza abandi bese. Nituramuka duhagaze mu ruhande rw'ubutumwa bw'ukuri abantu bazaturwanya. Bamwe bazatuvuma. Bamwe bashobora no kugerageza kuduta muri yombi. Tungomba guhagarara mu ruhande rw'ubutumwa bwiza bw'ubuntu. Tugomba kubwira abandi ukuri kujyanye na Yesu. Ubutumwa bwiza ni byo byiringiro gusa ku bantu b'isi bazimiye kandi barimbuka. Yesu yaduhaye ibye byose kubera yuko yadukunze. Natwe tugomba gutanga ibyacu byose ku bw'urukundo tumukunda. Tugomba kubwiriza no kwigisha ubutumwa bwiza bw'ubuntu igihe cyose Imana iduhaye uburyo (**Abar. 1:16**)

II. Kwivuganira kwa Pawulo (Ku bijyanye nuko ari Intumwa) Abagal. 1:11-2:21

Igitabo cy'Abagalatiya kirwanirira ubutumwa bwiza bw'ubuntu. Pawulo atangira avuganira umurimo we nk'Intumwa. Yavuze ukuntu ubutumwa avuga bwaturutse kuri Yesu Kristo ubwe, ntabwo ari ubwo yihimbiye cyangwa ngo abe yarabuhawe n'umuntu. Yahamije ukuntu ubwo butumwa bwamuhinduye mu buzima bwe. Natwe nk'abizera dushobora buri gihe guhamiriza abandi uburyo Yesu yahinduye ubuzima bwacu. Igihamba cyiza kigaragaza ukuri k'ubutumwa bwiza bw'ubuntu, n'uko bugomba kuba bwarahinduye ubuzima bwacu. Mbese abandi babasha kubona impinduka Yesu yaba yarazanye mu bugingo bwawe?

a. Pawulo utarabarwaga muri ba bandi 12 (1:11-24)

Abigisha ba kiyuda bageraje guhinyuza inyigisho za Pawulo. Bavuze ko atari afite uburenganzira bwo kuvuga ubutumwa. Babwiraga Abagalatiya ko atari umwe muri babandi cumi na babiri, kandi ubutumwa bwe atabukuye mu Itorero ry'ukuri. Abigisha ba kiyuda bavugaga ko bo bonyine, Pawulo atarimo ko ari bo bemerwa n'Itorero ry'i Yerusalemu. Pawulo yari azi neza ko ukuri k'ubutumwa bwiza kuri kurwanywa. Yasubirishaga ubuhamya bwe maze agahishura isoko y'ubutumwa yavugaga.

i. Ubutumwa bwahishuwe (1:11-12)

11, 12 – Intumwa irerura. Yahawe ubutumwa bwiza bw'ubuntu abuhishuriwe na Yesu Kristo ubwe. Ubutumwa Pawulo yabwirizaga ntibwari inyigisho z'abantu, ahubwo ryari ihishurirwa ry'Imana. Nta muntu n'umwe yabwumvanye, ahubwo ni Umwami n'Umukiza we wabumuhaye.

Bene Data bakundwa, ntabwo tubwiriza ubutumwa bwavuye ku bantu; tubwiriza ubwavuye ku Mana. Igihe cyose uhagaze ukabumbura Bibiliya maze ukavuga, ukwiriye kumenya udashidikanya ko ubutware n'imbaraga biva mw'ijambo ry'Imana atari ku magambo y'abantu. Ubutumwa bwiza n'imbaraga y'Imana ihesha abantu bose agakiza (**Abar. 1:16**). Ya Mana yavuganye kera n'Abahanuzi, Intumwa n'Umwana wayo, ubu Iravugana natwe binyuze mu ijambo ryayo.

ii. Ubutumwa bwe bwite (1:13-17)

13, 14 – Ahangaha Pawulo aragaragaza impinduka ikomeye ubutumwa bwiza bw'ubuntu bwazanye mu bugingo bwe. Mbere yuko ahura na Kristo, yatotezaga ndetse akagerageza kurimbura Itorero rya Kristo (**Ibyak 7:58; 8:3; 9:1**). Pawulo yagiraga ishyamba ry'Idini ya kiyuda n'imigenzo ya ba sekuru. Iyo migenzo yagaragariraga mu nyigisho za gifarisayo zitagaragazaga umutima w'amategeko Imana yahaye Mose (**Mat. 15:1-6**).

15, 16a – Imana kuva kera, yari ifite umugambi ku buzima bwa Pawulo. Yagombaga kubera isi icyitegererezo ku bw'imbaraga z'ubutumwa bwiza bw'ubuntu (**1 Tim. 1:16**) n'ibibwirizwa by'Imana mu banyamahanga (**Ibyak. 9:15**). Imana yahamagaye Pawulo binyuze mu buntu bwayo. Ubuntu bw'Imana gusa ni bwo bwabashaga guhindura Pawulo bumuvana mu bwicanyi bw'Abakristo bukamugira umubwiriza wa Kristo. Pawulo yabwirizaga ubutumwa bw'umwihariko. Abigisha ba kiyuda babashaga kurwanya Pawulo mu buryo bwinshi ariko kandi ntibabashaga guhakana impinduka Imana yazanye mu buzima bwe. Yari umuntu mushya, wavutse ubwa kabiri ku bw'ubutumwa bwiza bw'ubuntu.

Bene Data bakundwa, tubwiriza kandi twigisha ubutumwa bw'umwihariko. Imana yaduhamagaye ubuntu bwayo, Idukiza ku buntu, Iduhindura ku buntu kandi Itwambika imbaraga ku buntu bwayo. Abanzi bacu babasha kuturega, bakaturwanya, bakatwanga, ariko ntibabasha guhakana impinduka ubutumwa bwiza bw'ubuntu bwazanye muri twe.

16b, 17 – Ntabwo Pawulo yabanje kujya kuvugana n`Intumwa i Yerusalemu. Yabwirije Yesu mu Masinagigi y`i Damasiko (**Ibyak. 9:20**). Hanyuma ajya muri Arabiya ahamara imyaka itatu (**3:18**). Pawulo yagaragazaga uburyo atagendera kuri za Ntumwa cumi n`ebyiri. Birashoboka ko igihe yamaze muri Arabiya yakimaranye n`Umwami amwigishiriza mu byanditswe mu Isezerano rya kera ari na ko amwambika imbaraga zo gusobanukirwa ubutumwa bwiza bw`ubuntu. Imbaraga z`ubutumwa bwa Pawulo zaturukaga mu bihe yamaranye n`Umwami Yesu.

Bene Data bakundwa, nta kintu cyasimbura ibihe byacu byo kubana n`Umwami Yesu. Niba tubwiriza kandi tukigishanya imbaraga, tugomba buri munsu kumarana umwanya na Yesu mu masengesho no mw`ijambo twiga. Niba dushaka kugabura neza, birakwiye ko ubwacu tuba twaragaburiwe neza n`ibiganza by`Umwami.

iii. Ubutumwa bw`imbaraga (1:18-24)

18, 19, 20 – Nyuma y`imyaka itatu Pawulo ari muri Arabiya, yaje kujya i Yerusalemu. Aho yahahuriye na Petero na Yakobo mwene nyina w`Umwami. Petero yari akuriye Intumwa kandi yabanye na Yesu kuva agitangira umurimo. Yibukirwa ku kuntu yihakanye Yesu ariko kandi akongera kwibukirwa ku bwizerwa bwe nyuma yuko Yesu azutse. Yakobo ntabwo yari muri za Ntumwa cumi n`ebyiri za Yesu za mbere. Birumvikana ko atizeraga ko Yesu ari we Mesiya kugeza ubwo yazukaga (**Yoh. 7:5; 1 Abakor. 15:7**). Imbaraga z`umuzuko zatumye Petero abwirizanya umurava maze yemeza Yakobo ko Yesu Kristo yari Umwana w`Imana.

Pawulo yahuye na Petero na Yakobo ariko bamarana iminsi 15 gusa. Pawulo yafashe urugendo rwo kujya kuramutsa bagenzi be agaragaza uburyo na we ari Intumwa. Ahamiriza Abagalatiya ko mu byo avuga atabeshya. Mu bigaragara, abigisha ba kiyuda bagiye nk`abagiye kuramukanya ariko mu by`ukuri bagiye guhinyuza Pawulo mu Matorero y`Abagalatiya.

21 – icyakurikiyeho nyuma yuko Pawulo avuye i Yerusalemu, yagiye muri Siriya n`i Kirikia. Pawulo wari uw`i Tariso yaje gutura i Kilikia. Pawulo yagiye iwabo aho bamuzi neza atangira kubabwira ubutumwa bwiza bw`ubuntu. Nta gihamba na kimwe cyo mu byanditswe byera kigaragaza ko hari uwo mu muryango we wahindutse Umukristo. Nta gushidikanya ko se wa Pawulo yari wa mwizera w`Idini rya kiyuda, ibi tukabibwirwa n`invugo ya Pawulo (**Abafil. 3:4, 5**). Mu bisanzwe imiryango ya ba banyedini bakomeye ku myizerere yabo yamaganiraga kure uwahindukiriraga Kristo mu miryango yabo. Pawulo rero yemeye guhara umuryango we n`inshuti ze akurikira Yesu (**Luka 14:26**). Ni imbaraga z`ubutumwa bw`ubuntu gusa zabashaga guha Pawulo imbaraga zo kwihanganira uko gutabwa n`abantu be yakundaga.

Bene Data bakundwa, natwe mu gihe cyacu tubasha kujugunywa ndetse no gusuzugurwa n`abantu bacu dukunda ku bw`ubutumwa bwiza. Ariko ubuntu bw`Imana burahagije kugira ngo bubitunyumemo. Tubasha kuruhuka twiringiye ko impamvu ye ikwiye kandi ingororano ye idutegereje (**Mariko 10:19**).

22, 23, 24 – Inkuru zo kwihana kwa Pawulo zakwiriye hose nk'iz'umuriro uhuhwa n'umuyaga w'imbaraga nyinshi. Amatorero y'ibuyuda yakomeje kumva inkuru z'imbaraga z'ubuntu bw'Imana zakoreraga mu buzima bwa Pawulo. Bizeraga bigoye kumva uburyo umuntu wari icyamamare mu gutoteza Itorero yahinduka icyamamare nanone mu kubwiriza ubutumwa bwiza. Pawulo ahanyaga ko Abayuda bahimbazaga Imana ku bw'impinduka zikomeye babonaga muri Pawulo bitewe n'ubutumwa bwiza.

Bene Data bakundwa, hari imbaraga mu butumwa bwiza bw'ubuntu, imbaraga zibasha gukiza umunyabyaha ukomeye (**1 Tim. 1:15**). Tubwiriza ubutumwa bw'ubuntu ndetse n'imbaraga. Mbese ubuzima bwawe bwaba bwarahinduwe n'ubutumwa bwiza? Hari abandi waba uzi bari mu bubata bw'icyaha? Hari ibyiringiro mu butumwa bwiza bwa Yesu Kristo. Bwira abandi inkuru nziza za Yesu Kristo. Bwira abandi iby'imbaraga zikiza z'ubutumwa bwiza mu bugingo bwawe. Niba ubutumwa bwiza bw'ubuntu bubasha gukiza Sawuli w'i Tariso, bufite imbaraga zo kudukiza wowe nanjye. Niba ubutumwa bwiza bw'ubuntu bubasha kugukiza wowe nanjye, bubasha gukiza n'undi muntu wese waba uzi. Mwishime none, bene Data, mu mbaraga z'Umwami n'Umukiza wacu Yesu Kristo.

b. Guhamirizwa kwa Pawulo na babandi batatu (2:1-10)

Pawulo yaharaniye kugaragaza uburyo adashingiye kuri ba Bigishwa cumi na babiri. Akomeza agaragaza uburyo babandi batatu bamwemera. Abo batatu ni bo bakuru bafite ijamba mu Ntumwa: Petero, Yakobo na Yohana. Pawulo mu kurwanirira kubaho kwe nk'Intumwa, ni nako yarwaniriraga ubutumwa bwiza bw'ubuntu yabwirizaga. Aha ni ho ubutumwa bwiza bw'ubuntu bushyirwa ahagaragara.

i. Uburyo ubutumwa bugaragazwa (2:1-3)

1 – Pawulo asubira i Yerusalemu nyuma y'imyaka 14 ari kumwe na Barinaba na Tito. Aba bantu babiri babayeho bate, n'ubuzima bwabo bwagaragaje bube ubutumwa bwiza bw'ubuntu?

Barinaba yari Umuyuda ukomoka i Kupuro (**Ibyak. 4:36**). Izina rye risobanura 'Umwana wo guhumuriza.' Yari umunyabuntu wo mw'Itorero rya mbere (**Ibyak. 4:36-37**). Itorero ry'i Yerusalemu ryemeye Pawulo ku bwo kubona Barinaba amushyigikiye (**Ibyak. 9:27**). Yari wa muntu wuzuye Umwuka no kwizera (**Ibyak. 11:24**). Yifatanije na Pawulo mu rugendo rwe rw'Ivugabutumwa rwa mbere kandi yamenywe n'Itorero ry'i Galatiya (**Ibyak. 13-15**). Nyuma yaje gutandukana na Pawulo kubera Yohana Mariko (**Ibyak. 15:36-41**). Barinaba ntiyishimiye Pawulo, yifuzaga ko Pawulo yakongera guha Mariko amahirwe mu rugendo rwa kabiri rw'Ivugabutumwa. Barinaba yari wa mukozi w'umwizerwa wa Kristo kandi yabwirizaga Abayuda n'Abanyamahanga.

Tito yari muni y'ubuyobozi bwa Pawulo mu murimo (**Tito 1:4**). Yari Umugiriki kandi yanze gukebwa (**2:3**). Tito yari urugero rufatika rw'ubutumwa bwiza mu bizera b'Abanyamahanga i Galatiya. Ntabwo bagombaga gukebwa kugira ngo bakizwe. Tito yaje koherezwa na Pawulo mu Itorero ry'i Korinto kugira ngo barebere hamwe ikibazo kijyanye n'imyitwarire (**2 Abakor. 7:5-9; 12:18**). Nyuma yaje no gusonzora impiya ku bw'Itorero ry'i Yerusalemu (**2 Abakor. 8:6**).

Nyuma Pawulo yasize Tito i Kireti kugira ngo atunganye ibyo mu Itorero ryaho (**Tito 1:5**). Yari wa muntu Pawulo yiringiraga mu bihe bigoye by'Itorero rya mbere. Tito yatekerezaga mu buryo buhabanye cyane n'ubwa Barinaba, akaba umwizerwa mu gukorera Kristo. Aba bantu bombi bagaragazaga uburyo ubutumwa bwiza butagenewe bamwe, ahubwo bwari kimwe ku Bayuda no ku Banyamahanga.

Bene Data bakundwa, Imana ihamagara kandi igakoresha abantu batandukanye mu mateka yabo. Abizera bo mu mahanga yose no mu ndimi zose ni bamwe muri Kristo kandi babasha gukorera hamwe ku bw'ubutumwa bwiza bw'ubuntu.

2 – Pawulo ntabwo yagiye i Yerusalemu kubera yuko intumwa zamubwiye ngo ngwino. Yagiye yo kubera yuko Umwuka w'Imana yamuyoboye kujya yo. I Yerusalemu, Pawulo yahuye n'Abakuru b'Itorero mu mwiherero. Pawulo yababwiye ubutumwa bwiza bw'ubuntu yahawe n'Umwami kandi yabwirizaga mu Bayuda no mu Banyamahanga.

ii. Igitero ku butumwa bwiza (2:4-5).

4 – Ubutumwa bwiza bw'ubuntu bwaje burwanywa. Ababurwanyaga baje ari ibirura byambaye uruhu rw'intama (**Mat. 7:15**). Baje kwifatanya n'Itorero ry'ukuri ariko bakigisha inyigisho z'ubuyobe. Pawulo yabagaragaje nka bene Data b'ibinyoma. Bavangiye umudendezo abizera Kristo bari bafite. Ubutumwa bwiza bwigisha ko agakiza abizera bahawe bagaheshejwe n'ubuntu bwonyine, ku bwo kwizera gusa, muri Kristo gusa. Abizera ntabwo bagombaga kubahiriza amategeko ya Mose. Ntabwo bikebeshaga cyangwa ngo bakurikize imigenzo ya Kiyuda kugira ngo bakizwe. Pawulo yavuze ko inyigisho z'ubuyobe zishyira abantu mu ngoyi cyangwa mu buretwa. Nta muntu n'umwe ubasha gukizwa ku bwo gukora imirimo myiza, ahubwo akizwa no kwiringira imirimo Yesu Kristo yakoze. Abakijijwe bazakora iirimo myiza kubera yuko bakunda Imana kandi bashaka gukorera wawundi watumye babohorwa ku cyaha.

5 – Pawulo n'inshuti ze ntabwo bigeze bumvira abo bigishabinyoma. Bari bazi ko ukuri k'ubutumwa bwiza bw'ubuntu bwototerwa ngo bugorekwe. Pawulo yasobanukiwe ko ejo heza h'Itorero ryo mu banyamahanga hazava ku butumwa buzima bw'agakiza bazaba barahawe. Abanyabyaha bakizwa n'ubuntu gusa, binyuze mu kwizera gusa, muri Kristo gusa.

Bene Data bakundwa muri Kristo, dukwiriye guhaguruka tukarwanirira ubutumwa bwiza. Ntabwo tugomba kuvanga ukuri kw'agakiza. Yesu yatanze ubuzima bwe bityo abanyabyaha bagombye gukizwa n'ubuntu bwe. Tugomba gutanga ubugingo bwacu dusangira ubutumwa bw'agakiza k'ubuntu n'abaturanyi bacu.

iii. Ubwumvikane ku by'ubutumwa (2:6-10)

6, 7, 8 – Pawulo avuga ko Abakuru b'Itorero ry'i Yerusalemu batigeze bagira icyo bongera ku butumwa bwiza yavugaga. Abo Bayobozi batahuye ko ubutumwa yavugaga ari bwo na bo bavugaga. Basobanukiwe ko Imana yahamagariye Pawulo kuvuga ubutumwa mu Banyamahanga, nk'uko yahamagariye Petero kubuvuga mu Bayuda. Abavugabutumwa ba none

bishimira kwigisha ubwo buzima ariko kandi bahinduye ubutumwa Pawulo na Petero bigishije mu myaka myinshi ishize.

9, 10 – Petero, Yakobo na Yohana bari inkingi z’Itorero ry’i Yerusalemu. Abo bagabo bari bazwi nk’abayobozi b’abanyacyubahiro i Yerusalemu. Bose bari bazi Yesu kuva agitangira umurimo hano kw’isi kandi bakoreshejwe n’Imana mu gutangiza Itorero rya mbere. Petero, Yakobo na Yohana bahaye Pawulo na Barinaba ukuboko bivuga ko babemeye nk’Abavugabutumwa mu Banyamahanga. Izo nkingi z’Itorero ry’i Yerusalemu zabonye ko zifite abafatanyabikorwa b’Ivugabutumwa. Bashyigikiye Pawulo na Barinaba ubwo bagendaga kugira ngo bajyane ubutumwa bwiza bw’ubuntu mu mahanga yose.

Bene Data bakundwa, turi abafatanyabikorwa mu murimo w’Ivugabutumwa. Buri wese muri mwe abasha gukoreshwa n’Imana kujyana ubutumwa aho bamwe muri twe batabasha kubugeza. Tugomba gufatanya twese kugira ngo tubashe kugeza ubutumwa ku bantu benshi bashoboka. Tugomba gukorera hamwe mu buryo bwose kugira ngo duhamye ko abaturanyi bacu bagezweho n’ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo. Twese turi mu itsinda rimwe. Dufite umwanzi umwe. Dufite Umukiza umwe. Reka twe gucogora gukora imirimo myiza. **(Abagal. 6:9).**

c. Gucyaha kwa Pawulo kuri umwe muri bo (2:11-21)

Pawulo yavuze yeruye ukuntu atagengwa na ba bigishwa cumi na babiri. Yongera kugaragaza uburyo yakiriwe na ba bayobozi bakuru b’Itorero ry’i Yerusalemu uko ari batatu. Yongeye kugaragaza ubutware Imana yamuhaye ubwo yahanganaga akanacyaha Petero ku mugaragaro, umuyobozi w’Abigishwa. Igikorwa cya Petero cyabaye nk’igihakana ukuri k’ubutumwa bwiza bw’ubuntu, kandi Pawulo yari afite uburenganzira bwose bwo gucyaha icyo kintu.

i. Ikizinga mu butumwa bwiza (2:11-14)

11. – Izo nkuru zivugwa ahongaho zigomba kuba ari zimwe mu nkuru zari zikaze mu Itorero ry’Isezerano rishya. Pawulo nk’umumisiyoneri wa mbere w’Itorero yahanganye ku mugaragaro na Petero wari umwigishwa wa mbere mu Itorero. Pawulo yandika ko Petero yacyashwe. Petero yari afite urubanza imbere y’Imana. Ni iki Petero yakoze cyatumye Pawulo amucyaha ku mugaragaro?

12 – **Ibyak. 11:19-21** hatubwira ko Antiyokiya ryari Itorero ryari rigizwe n’Abayuda n’Abagiriki. icyo tugomba kumenya n’uko Abayuda n’Abagiriki batabashaga gusabana buri gihe. Hari ibiryo byari bitemewe mu Bayuda byatumaga badasangira n’Abanyamahanga. Abayuda barebaga Abanyamahanga nk’abantu banduye. Ariko Imana yabwiye Petero ko aya gusangira n’Abanyamahanga, bakaganira ku butumwa bwiza **(Ibyak. 10:15, 28)**. Ubwo Petero yajyaga muri Antiyokiya yasangiye n’Abanyamahanga. Igikorwa Petero yakoze cyagaragaje ko ubutumwa bwiza bw’ubuntu bwari ubw’abantu bose. Ariko ubwo abantu baturutse kwa Yakobo bazaga muri Antiyokiya, Petero ntiyongeye gusangira n’Abanyamahanga. Abo bagabo bari baturutse mu Itorero ry’i Yerusalemu kandi ntibemeraga ko Petero nk’Umuyuda yasangira n’Abanyamahanga. Bamubwiye ko igikorwa cye kitemewe nk’Umuyuda mwiza. Petero yumviye

abo bagabo bari bavuye kwa Yakobo maze ahagarika gusangira n`inshuti ze z`Abagiriki. Petero yatinyaga ko abo bagabo bajya kumwangiriza ubuhamya mu Bayuda bene wabo.

13 - Petero yari umuyobozi w`ingenzi mu Itorero. Abandi bizera bamukurikiraniraga hafi bashaka kumwigana. Ubwo Pawulo yahagarikaga gusangira n`Abanyamahanga, Barinaba n`abandi Bayuda bari muri Antiyokiya na bo bitandukanya n`inshuti zabo z`Abanyamahanga. Pawulo avuga ko Petero n`abandi Bayuda bariho urubanza rw`uburyarya. Uburyarya busobanura ko umuntu aba afite imyumvire myiza ariko agakora ibinyuranye n`ibyo yizera. Petero n`abandi Bayuda bizeraga ko umuntu akizwa n`ubuntu gusa ku bwo kwizera gusa, muri Yesu gusa, ariko ibikorwa byabo bigahabana n`ibyo bizera. Uko kwitandukanya kwabo kwagaragarije Abanyamahanga ko bo atari beza nk`Abayuda. Nta bwoko buruta ubundi mu maso y`Imana. Ibikorwa byabo byahinyuje ubutumwa bwiza bw`ubuntu babwiriza. Ubutumwa bwiza bw`ubuntu buvuga ko abantu bose bo mu mahanaga yose n`amabara yose bazakizwa n`ubuntu ku bwo kwizera Yesu Kristo. Nta tsinda na rimwe ryiza kuruta irindi. Nta na rimwe ry`ingenzi imbere y`Imana kurenza irindi. Petero n`abandi Bayuda bariho urubanza rwo guciraho iteka Abanyamahanga.

Bene Data bakundwa, ntitugomba guciraho iteka umuntu wese. Ubwoko bwabo, amabara yabo, imiryango yabo cyangwa amahanga ntacyo bibwiye Imana kandi natwe ntacyo bikwirije kutubwira. Abantu bose ni abanyabyaha bakeneye Umukiza. Nta muntu n`umwe uruta cyangwa uri munsu y`undi. Ubutumwa bwiza bw`ubuntu nta muntu bugomba guciraho iteka. Tugomba gusabana n`umuntu wese w`Umukristo tutitaye ku byo dutandukaniraho.

14 – Pawulo yavuze ko ibikorwa bya Petero bitari ibyo guteza imbere ukuri k`ubutumwa bwiza. Ibikorwa bya Petero byahakanaga ukuri k`ubutumwa bwiza bw`ubuntu. Petero yizeraga ubutumwa bwiza ariko ibikorwa bye bikavuga cyane kurenza amagambo ye. icyatumye Pawulo ahangana na Petero amaso ku yandi n`uko ibikorwa bye byarwanyaga ubutumwa bwiza bw`ubuntu bw`Imana.

ii. Igihagararo cy`ubutumwa bwiza (2:15-21)

15, 16 – Imirongo isigaye yo muri iki gice cya kabiri, Pawulo asobanura uburyo yacyashye Petero. Asobanura neza uburyo abizera batsindishirizwa no kwizera Yesu Kristo. Gutsindishirizwa bisobanura kuba ntamakemwa imbere y`imana. Twese nk`abanyabyaha dufite urubanza imbere y`Imana. Twese turi abo gupfa tukajya mu muriro. Ariko inkuru nziza itubwira ko iyo umuntu yizeye Yesu Kristo, abarwaho kuba intungane imbere y`Imana Yera yaremye ibiremwa byose. Kristo yikoreye igihano cy`ibyaha byacu ku musaraba. Yarapfuye ngo tubashe kubona ubugingo. Yanyuze Imana acubya uburakari bwayo ku cyaha. Iyo umuntu ashize kwizera kwe muri Yesu, Imana ibona ibyaha by`uwo muntu bitwikirijwe amaraso ya Yesu. Nta muntu n`umwe watsindishirizwa n`imirimo ye myiza. Nta muntu wakora imirimo myiza ihagije kuburyo anezeza Imana. Ni nk`uko nta muntu wabasha kujya mu ijuru ku bw`umuhate we. Nta muntu n`umwe wakubahiriza amategeko yose y`Imana. Buri muntu atsindwa n`urubanza ku bijyanye no kwica amategeko. Yesu Kristo ni we muntu gusa utarigeze yica amategeko y`Imana.

Kwiringira Yesu ni byo byatuma umuntu abasha guhagarara imbere y'Imana Yera (**Yoh. 14:6**). Igikorwa cya Petero muri Antiyokiya cyabwiraga Abanyamahanga ko bagomba gukora nk'Abayuda kugira ngo bajye mu ijuru. Pawulo yibukije Petero ko igisabwa kugira ngo umuntu wese abashe gukizwa cyangwa ngo abarweho gukiranuka ari uko yizera Yesu Kristo.

Nshuti bakundwa, uku ni ko kuri kw'ingenzi mu kwizerra kwacu. Tubarwaho gukiranuka imbere y'Imana ku bwo kwizera muri Yesu Kristo. Twiringira ibyo Kristo yakoze biduhesha agakiza, si ku bw'imirimu yacu. Mbese waba wizera Yesu Kristo gusa mu byerekeye agakiza kawe? Haramutse hongereweho ikindi kintu kibangikanywa no kwizera ku bijyanye n'agakiza konyine muri Christo wenyine, icyo gihe ubutumwa bwiza bw'ubuntu buba buhinduwe maze bugashyigikira abazimiye bo mu isi yo kurimbuka.

17, 18, 19 – Abizera ntibaherako bahinduka intungane bakimara gutsindishirizwa cyangwa gukizwa. Abakristo baba bataratungana. Baba bakirwana no gukiranuka ariko uko bagenda bakurira mu buntu bw'Imana niko bagenda bahindikira gusa na Yesu. Pawulo yaravuze ati “Napfuye ku byaha” bisobanura ngo: Narekeye aho kurwana no gushaka kuba mwiza bihagije ngo nkundwe n'Imana. Aha yari amaze kumenya ko Imana ikirisha abantu ubuntu bwabyo. Pawulo yari azi ko abanye amahoro n'Imana ku bw'ibyo Yesu yakoze ku musaraba no mu kuzuka kwe. Pawulo yakijijwe n'Ubuntu kandi abeshwaho na bwo. Yakoreye Imana ku bwo kuyikunda kandi afite amashimwe ku by'Imana yamukoreye byose.

20, 21 – Pawulo yavuze ko yabambanywe na Kristo. Aho aba avuga ko umuntu we wa cyera yapfuye. Sawuli watotezaga Itorero yarapfuye. Ubwo Pawulo yakizwaga yahindutse icyaremwe gishya (**2 Abakor. 5:17**). Yahamije ko Kristo aba muri we. Ubwo Pawulo yakizwaga, Imana yamuhaye Umwuka Wera uzaba muri we (**1 Abakor. 6:19**). Ntabwo akigenga ubuzima bwe. Pawulo abaho ku bw'imbaraga z'Umwuka Wera uba muri we (**Abef. 5:18**). Ubuzima bushya bwa Pawulo ni ubuzima bwo kwizera Kristo. Pawulo yabereyeho uwamukunze akamwitangira. Pawulo yabayeho nk'ubambwe. Yarwanaga no kwiyanga buri muni ngo akurikire Yesu amuri hafi (**Luka 9:23**). Pawulo ntabwo yigeze yiringira umuhate we mu kwikorera, ahubwo yatanze imbaraga ze zose mu gukorera uwamukijije kandi agahindura ubuzima bwe yamenye ko aramutse abashije kwikiza Kristo yaba yarapfiriye ubusa. Pawulo yasobanukiwe ko yatsindishirijwe n'ubuntu gusa, ku bwo kwizera gusa no muri Yesu gusa.

Bavandimwe bakundwa, Imana yaduhamagariye ubuzima bwabambwe. Umukristo wabambwe yiyegurira Yesu Kristo buri muni. Agasaba Imana ngo imubemo. Yashyize hasi uburenganzira bw'ubuzima bwe bwose ngo Yesu abwiteho. Iyi si yacu ikeneye cyane Abakristo babambwe. Mbese wakwegurira Yesu ubuzima bwawe busigaye? Yatanze byose ku bwawe. Mbese wamuha ibyo ufite byose? Ikintu gikomeye tubasha gukoresha ubuzima bwacu, n'ukubwegurira Yesu. Ndakwiringira kudukariza umwanya wawe ku kindi kitari ugukorera Yesu.

III. Gushikira inyigisho (zo gutsindishirizwa n'ubuntu) (3:1-4:31)

Mu gice cya gatatu n'icya kane, Pawulo ava mu kuvuganira ubutumwa bwiza bw'ubuntu agatangira gusobanura ukuri kw'agakiza. Arashaka kwemeza Abagalatiya ko gutsindishirizwa ari ku bwo kwizera gusa. Yafashe umwanya wo gusobanura intego y'amategeko ya Mose

n`umurimo yakoze wo guhamya Yesu Kristo. Pawulo asobanurira Abizera b`Abagalatiya ko babaye abana b`Imana. Pawulo yaburanye n`Abagalatiya abereka amakosa Abigisha ba kiyuda bakoze bigisha gutsindishirizwa n`imirimo. Muri iyi mirongo tubona ko umunezero w`Imana kuri twe ar`uko tuba Abakristo, ntabwo ushingiyeye ku byo tuyikorera ahubwo ushingiyeye ku cyo turi cyo muri Kristo.

a. Gukiranuka twakiriye ku bwo kwizera.

Ni gute Imana Year ibasha kwemera umuntu w`umunyabyaha? Abigisha ba Kiyuda bigishaga ko Imana yemera uwubahirije amategeko ya Kiyuda. Pawulo yibutsa Abagalatiya ko bakijijwe n`ubuntu bw`Imana gusa ku bwo kwizera atari ku bwo kubahiriza itegeko iryo ari ryo ryose. Gukiranuka imbere y`Imana biheshwa no kwizera Yesu Kristo gusa.

i. Ubupfu bwo gutsindishirizwa n`imirimo (3:1-5)

1 – Pawulo yise Abagalatiya abapfapfa. Kubera iki? Ubupfu bwabo bwaturutse ku kureka gukiranuka k`Ubuntu maze bagahindukirira gukiranuka kw`imirimo. Pawulo yavuze ko Abagalatiya bizeye barozwe cyangwa bashyizwe mu buyobe. Ibyo bakiriye byo mu nyigisho za Kiyuda byagaragaje ko Kristo yapfiriye ubusa (**Abagal. 2:21**). Kristo yarabambwe, kikaba igikorwa cyamaze gukorwa ariko kandi gikomeza kugira ingaruka buri muni ku buzima bw`Abizera. Ntabwo bari babayeho mu buzima bw`umucyo w`ubutumwa bwiza bw`Ubuntu. Pawulo mu bushizi bw`amanga asobanura yeruye ko Kristo yapfiriye Abagalatiya; n`ubwo amaso yabo bayavanye ku musaraba maze bagahindukirira amategeko.

2-5 – Pawulo atangira abaza ibibazo bine Abagalatiya byumvikana ko bari bazi neza ibisubizo byabyo. Pawulo

Ikibazo cya mbere yabajije ni “Mbese imirimo itegeke n`amategeko ni yo yabahesheje Umwuka, cyangwa se ni uko mwumvise mukizera?” Birumvikana ko Umwuka bamuhawe n`ubuntu si ku bw`imirimo yabo myiza cyangwa umuhate wabo.

Ikibazo cya kabirini “Muri abapfapfa mutyo? Mwatangiye iby`Umwuka none mubihurukije iby`umubiri?”

Nanone Pawulo yatangiye kubigisha neza uburyo bakijijwe n`ubuntu kandi ko n`ubuntu n`ubundi ari bwo buzakomeza kubeza. Abagalatiya bari kuba batandukanye natwe iyo agakiza kabo no gukura kwabo mu mwuka bishingira ku kubahiriza amategeko bidashingiyeye ku buntu bw`Imana. Ikibazo cya gatatu gishingiyeye ku kwibutsa Abagalatiya imibabaro banyuzemo mu bihe bya mbere. Ya mibabaro myinshi mwayibabarijwe ubusa? Niba yari iy`ubusa koko.

Mu **Ibyak. 14:22** Pawulo yaburiye Abakristo b`i Galatiya ko bazahura n`itotezwa. Ibyo byasohoye Pawulo na Barinaba bakiva i Galatiya. Pawulo yabwiraga Abagalatiya ko nibaramuka bahindukiye bakareka ubutumwa bw`Ubuntu, ya mibabaro yabo izaba yarabashyikiyeho ubusa. Ikibazo cya kane cya Pawulo kivuga ku mirimo y`ibitangaza Imana yakoze mu Matorero y`i Galatiya. **“Mbese Ibaha Umwuka, igakora ibitangaza muri mwe, ibikorehwa n`uko mukora imirimo itegeke n`amategeko, cyangwa ni uko mwumvise mukizera?”**

Mu by`ukuri iki kibazo cyacumise mu mitima y`Abagalatiya kuko bari barabonye imirimo Imana yakoze muri bo. (**Ibyak. 14:3, 8-11**) kandi ibi bari bazi ko bisohozwa no kwizera gusa. Ibibazo

bya Pawulo byose byagaragazaga ubupfu bwo gukiranuka guheshwa no kwizera. Yibutsaga yeruye Abagalatiya ko gukiranuka kwabo imbere y'Imana gushingira ku kwizera Yesu Kristo gusa.

Bene Data bakundwa, uyu muni niba dukijijwe n'uko Imana yaduhaye agakiza nk'Impano. Iyi mpano y'igitngaza twayakiriye binyuze mu kwizera Yesu Kristo (**Abef. 2:8, 9**). Ku bw'ubuntu bw'Imana, buri muni twegurira Yesu ubugingo bwacu ku bw'imbaraga z'Umwuka Wera. Imana ku bw'ubuntu bwayo yadushyize hejuru nka Yesu. Ntitwari kubasha kwikiza ku bw'imirimo yacu myiza. Nta n'ubwo turinda agakiza kacu ku bwo gukora imirimo myiza. Iby'agakiza kacu byose bishingiye ku gikorwa cy'Ubuntu Imana yadukoreye. Dukorera Imana kandi tukabaha ijambo ryayo kubera urukundo tuyikunda no kuyizera ndetse tugashaka kuyishimira buri muni Ubuntu bwayo.

ii. Gukiranuka kwa se w'abizera (3:6-9)

6, 7 – Pawulo noneho azanye ikintu gikomeye mu bayuda. Akoresheje Aburahamu, ise w'ubwoko bw'Abayuda nk'urugero rwo gukiranuka gushingiye ku kwizera. Pawulo asubiye mu byanditswe mu **Itang. 15:6**, (Aburahamu yizeye Imana bihwanira no gukiranuka). Aburahamu yizeye ko Imana ifite ubushobozi bwose bwo gusohoza ibyo yasezeraniye (**Itang. 15:5**) kandi yemerwaga cyane n'Imana nk'umukiranutsi. Yabazweho gukiranuka ku bwo kwizera na mbere yuko akebwa (**Itang. 17:24**). Niba gukebwa bitari mu byo Aburahamu yasabaga ku gakiza ke, ni gute Abayuda bashakaga ko Abagalatiya bakebwa? Nti byari gushoboka. Abana nyakuri ba Aburahamu ni abo mu mahanga yose basanze Imana ku bwo kwizera, biringiye gukizwa na Yesu gusa.

8 – Ibyanditswe byera byose bivuga ko gukiranuka kw'amahanga yose bizaheshwa no kwizera nk'uko Imana yabisezeraniye Aburahamu (Muri wowe ni ho amahanga yose azaherwa umugisha (**Itang. 12:3**). **Mat. 1:1** hatubwira ko iryo sezerano ryasohoreye muri Kristo Yesu, "Mwene Aburahamu". Igihe cyvose Imana yari ifite ku mutima wayo amahanga yose, ntabwo ari Isirayeli gusa. Ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana ni ku banyamahanga bose.

Bene Data bakundwa, n'iby'ingenzi cyane kubona ko Pawulo yifashisha amagambo Imana yavuganye na Aburahamu mu gitabo cy'Itangiriro. Ibi biduhamiriza ko ibyanditswe byera byose ari ijambo ry'Imana. Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka kugira ngo umuntu w'Imana abe ashitse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose **2 Timothy 3:16-17**. Imana y'ibyaremwe byose, uwavugaga mu gihe cya kera, ni na we uvuga none mu byanditswe byera.

9. – Abakristo basanga Imana binyuze mu kwizera konyine kandi bahabwa umugisha wa Aburahamu, ise w'abizera.

Nshuti bakundwa, umugambi w`Imana mu kuduha umugisha w`ubuntu, n`ukugira ngo yiheshe icyubahiro. Aburahamu yahawe umugisha kugira ngo Imana ihabwe icyubahiro mu gukiza abagabo n`abagore baturuka mu mahanga yose yo mu isi binyuze mu mbuto ya Aburahamu ari yo Yesu Kristo. Imana yadukijije ku bw`icyubahiro cyayo kandi yadukoresheje mu kujyana ivugabutumwa ku bandi, ibyo bigahesha Imana icyubahiro.

iii. Ikiguzi cyo gukiranuka guheshwa no kwizera (3:10-14)

Pawulo arasobanura uburyo gukiranuka guheshwa no kwizera kugira ikiguzi. Abica amategeko bariho umuvumo kandi bakwiriye igihano cy`Imana Yera y`isi yose. Ubwo Yesu yajyaga ku musaraba, yishyizeho umuvumo w`abica amategeko. Yesu yishyuye ikiguzi cyangwa icyo amategeko yasabaga abayica. Gukiranuka kwaguzwe na Yesu Kristo ku musaraba kubera ibyaha by`abari mu isi. Abica amategeko noneho babasha kubona gukiranuka kw`Imana ku bwo kwizera Yesu.

10, 11, 12 – Pawulo yasubiye mu byanditswe mu **Guteg. 27:26**, yibukije Abagalatiya bizeye ko buri muntu wese utubahirije amategeko y`Imana yagiweho n`umuvumo w`amategeko (**Yak. 2:10**). Kuva Abagalatiya n`Abayuda bizeye batarabashije kubahiriza amategeko y`Imana mu buryo bwuzuye, bari bamaze kuvumwa. Gukomeza amategeko mu gihe cya none, ntibyakuraho umuvumo. Pawulo yongera gusubira mu magambo yanditswe mu Isezerano rya kera. Yakoresheje **Hab. 2:4** “Umukiranutsi wanjye azabeshwaho no kwizera”. Nta muntu n`umwe Imana yigeze yemera ishingiyeye ku mirimo ye myiza. Abantu bose Imana yemeye yashingiraga ku kwizera. Abayuda bizeye basabaga abantu kubahiriza amategeko yo mu Isezerano rya kera, Pawulo abasobanurira ko nta muntu wigeze yubahiriza amategeko y`Imana. Ku murongo wa **12**, Pawulo yongera gusubira mu magambo yo mu Isezerano rya kera aburira abantu yuko umuntu abasha kunezeza Imana gusa aramutse yubahirije amategeko yose y`Imana (**Abal. 18:5**)

13 – Pawulo yagerageje gushushanya ishusho yirabura: Abantu bose batubahirije amategeko, baravumwe kandi bategereje urubanza rw`Uwiteka. Ubu mu buryo bwose, asobanura ubutumwa bwiza. Yesu yishyuye umwenda abicamategeko batabashaga kwishyura. Kristo yacunguye abanyabyaha mu muvumo w`amategeko. Ijambo gucungurwa rikubiyemo igitekerezo cyo gukurwa uvanwa mu bubata. Abanyabyaha bose ni imbata z`amategeko. Abanyabyaha bose babohewe mu ngoyi y`amategeko. Abanyabyaha bose bari mu muvumo w`amategeko. N`ubwo imbata yakora ibijyanye n`amategeko, aba akoze gusa ibijyanye n`ibyo yasabwaga gukora, mbese ntacyo yaba akoze cyatuma shebuja amwemera (**Luka 18:10**). Yesu Kristo mu buryo bwose yari atunganye ahantu hose. Yubahirije amategeko. Ntiyigeze akora icyaha. Ku musaraba Yiyemeje kwishyiraho umuvumo wacu abikunze (**Guteg. 21:23**). Yesu yishyuye igihembo cy`ibyaha. Yikoreye umuvumo w`icyaha. Yahosheje umujinya w`Imana ku banyabyaha.

Bene Data bakundwa, ubwo Yesu yadukizaga, yadukuye mu bubata bw`icyaha. Aducungura mu muvumo w`amategeko. Yaduhaye ubwishingizi no kwemerwa n`Umwami. Yatuzanye mu

mudendezo adukuye mu bubata bw`icyaha n`urupfu. icyubahiro kube icy`Umwami wacu n`Umukiza Yesu Kristo ari we gucungurwa kwacu k`umugisha.

14 – Pawulo avuga ko binyuze mu murimo Yesu Kristo yarangije: umusaraba no kuzuka kwe, umugisha wa Aburhamu wageze ku Banyamahanga. Isezerano ry`Imana kuri Aburhamu ryasohoreye muri Kristo Yesu (**Itang. 12:3**). Amahanga yose yagombye kumenya agakiza gaheshwa n`ubuntu, binyuze mu kwizera Yesu Kristo. Abizera bese bakiriye isezerano ry`Umwuka Wera binyuze mu kwizera Yesu Kristo.

b. Intego y`itegeko (3:15-29)

Niba itegeko ritabasharaga gukiza umuntu uwo ari we wese, mbese Imana yabashaga kuriha Mose? Aha Mose aragaragaza intego y`itegeko. Aradufasha kubona umugambi w`itegeko mu busugire bw`umugambi w`Imana ku gakiza.

i. Hasobanura isezerano ry`Imana (3:15-18)

15, 16 – Pawulo asobanura imiterere y`Isezerano. Isezerano ni ubwumvikane buba buboshye impande zombi. Igihe cyose isezerano rishyizweho umukono riba rihindutse ihame ntakuka. Niba ari ko bimera hagati y`isezerano ry`abantu, mbega uburyo isezerano Imana yakoranye na Aburhamu ari iry`ukuri (**Itang. 15**). Amategeko Imana yahaye Mose ntiyigeze ahindura Isezerano Imana yahaye Aburhamu. Igihe cyose Imana isohoza isezerano ryayo (**Abar. 4:13, 16**). Imana yakoranye na Aburhamu amasezerano menshi. Ayo masezerano yose ntiyasohoye kubera yuko amategeko yatanzwe. Yasohoreye muri Yesu Kristo mwene Aburhamu (**Mat. 1:1**).

17, 18 – Pawulo avuga ko amategeko Mose yahawe n`Imana yaje nyuma y`imyaka 430 nyuma yuko Imana ihaye Aburhamu isezerano. Imana yongeye kubwira Yakobo ibijyanye n`Isezerano yakoranye na sekuru Aburhamu mu (**Itang. 28:15**). Ubwo Imana yahaga Mose amategeko, hashize ya myaka 430. Pawulo avuga ko amategeko yatanzwe nyuma y`iyo myaka 430 atigeze ahindura Isezerano Imana yakoranye na aburhamu. Yakoresheje amagambo abiri y`icyongereza mu gusobanura imiterere y`isezerano ry`Imana (Ratified na Granted). Twavuga ko ari ugutanga no gukomeza isezerano. Bivuga ngo ni igikorwa cyabaye mu bihe byashize ariko kandi gikomeza. Isezerano Imana yahaye Aburhamu ryasohoreye muri Yesu Kristo, ariko na magingo aya rireba uwizera wese.

Bene Data bakundwa, isezerano ry`Imana ryari ryiza mu gihe cya Aburhamu, ariko na nuburacyari ryiza. Abantu bo mu gihe cy`isezerano rya kera bakizwaga n`ubuntu binyuze mu kwizera nk`abantu bari bategereje Masiya. Abo mu isezerano rishya bakijijwe n`ubuntu ku bwo kwizera nk`abafite ibyiringiro muri Yesu. Abizera ba none bakizwa no kwizera basa n`abasubiza amaso inyuma ku musaraba biringiye Yesu. Dushobora guhamya ko hari inzira imwe gusa y`agakiza (**Yoh. 14:6**).

ii. Hagaragaza ibyifuzo by`abantu (3:19-22)

19, 20 – Amategeko yatangiwe kugira ngo agaragaze uburyo abantu bakeneye agakiza. Amategeko yashyize ahagaragara ibyaha by'abantu nk'abatarakoze ubushake bw'Imana. Pawulo avuga ko amategeko yatangiwe kugaragaza ubugome bw'abantu. Ku bwo kwica amategeko y'Imana, abantu basuzuguye kwera kw'Imana. Amategeko yatangiwe kugira ngo agaragaze kamere y'ubunyacyaha bw'abantu. Amategeko yagaragaje uburyo abantu bazimiye. Ya mategeko cumi (**Kuva 20**) agaragaza uburyo abantu bacumuye ku Mana no kuri bagenzi babo. Amategeko yagaragarije umuntu uburyo yabaye akahebwe akaba akeneye imbabazi z'Imana.

Amategeko yahawe Mose nk'umuhuza w'Imana n'ubwoko bwa Isirayeli. Mu isezerano rya Mose, Imana n'Abisirayeli bari bafite inshingano zo kugira ibyo bakora. Imana mu ruhande rwayo yubahirije isezerano ariko abantu bo bararyishe. Ntabwo bubahirije amategeko mu buryo bushyitse. Pawulo atwerekaga uburyo isezerano Imana yagiranye na Aburahamu riruta iry'Abisirayeli kubera yuko ritari rishingiye ku cyo Aburahamu yakora. Ryari rishingiye ku Mana gusa, yabashije kurisohozza neza. Umurage ushingiyeye ku mategeko uturuka ku mirimo y'umuntu, ariko umurage w'isezerano wo ushingiyeye ku mbaraga z'Imana.

Bene Data bakundwa, muri kino gihe ntabwo twiringira ubushobozi bwacu kugira ngo tunezeze Imana, twiringira imbaraga z'Imana kandi tukaba abizerwa ku ijamba ryayo.

21, 22 – Ntabwo amategeko arwanya amasezerano y'Imana. Amategeko yateguriraga inzira ubutumwa bwiza. Amategeko yagaragarizaga abantu ubuzima bwabo butagira ibyiringiro. Amategeko yagaragarije abantu uburyo bari muni y'ubutware bw'icyaha. Amategeko yahishuye ibihome by'ibyaha bigose buri kiremwa muntu. Iyo abantu basobanukiwe ibyo, bareka kwiringira ko babasha kunezeza Imana ku bw'imirimo yabo myiza. Aho bakaba biteguye guhinduka abana b'isezerano ku bwo kwizera Yesu Kristo

Bene Data bakundwa, mukoreshe amategeko mu kugaragaza ububi bw'imitima y'abantu. Abantu bafite inzira batekererezamo ubwabo ibagira beza kuruta uko bari. Bakeneye kubona rugero rwo gukiranuka kw'Imana. Jyana abantu mu mategeko cumi y'Imana maze ubereke uburyo bacumuye ku Mana. Abantu nibaramuka babonye ubunyacyaha bwabo bagereraniye n'icyo ukwera kw'Imana kubasaba, icyo gihe bazisanga bakeneye ubutumwa bwiza bw'ubuntu. Uretse ko abantu bumva ububabare bw'icyaha naho ubundi ntibakwigera babona ubuntu butangaje bw'ubutumwa bwiza.

iii. Bishyira hejuru Umwana w'Imana (3:23-29)

23, 24, 25 – Abayuda bari barinzwe n'amategeko kugeza ubwo Yesu yazaga. Amategeko niyo yabakingiraga. Amategeko yatumye Abayuda batahura iby'icyaha cyabo n'uburyo bakeneye impongano. Imikorere y'ubutambyi yibutsaga Abayuda ko inyamaswa idafite inenge ari yo ibasha gutambirwa gukiranirwa kwabo (**Abah. 9:22**). Amategeko yatumaga Abayuda bahanga amaso Masiya wahanuwe ariko ubwo Yesu Kristo ari we Masiya yazaga, umugambi w'amategeko wari usohoye.

Pawulo yita amategeko umushorera watujyanaga kwa Kristo. Ijambo umushorera bisobanura umwigisha. Bishushanya umugaragu wahawe kuyobora umwana uri hagati y`imyaka **6** cyangwa **7**. Umurimo w`umugaragu wari uwo kurinda, guhana no kwigisha ubwoko bw`Imana kugeza Kristo aje. Ubuyobozi bw`amategeko bwararangiye kuva Yesu Kristo aje. Amategeko yateguriye inzira ubutumwa bwiza bw`ubuntu.

26 – Igice cya **3** cyose gishingiye kuri uyu murongo wa **26**, ndetse n`igice cya **4** gikomereza kuri uyu murongo. Aha Pawulo abwira abizera ko ari abana b`Imana ku bwo kwizera Yesu Kristo. Pawulo yibutsaga Abagalatiya bizera ko batakiri muni y`aya mategeko yabatwazaga igitugu. Bari mu busabane n`Imana Data binyuze mu kwizera Umwana wayo. Kuki bashakaga gusubira inyuma ngo bongere kubohwa n`amategeko mu gihe bakanejewe n`uko bahindutse abana b`Imana?

Bene Data bakundwa, nk`abakristo turi abana b`Imana (**Yoh. 1:12**). Twazanywe mu muryango w`iteka w`Imana binyuze mu kwizera Yesu Kristo. Kwizera Yesu birenze kumenya ko yabayeho. Kwizera Yesu bisobanuye kumwiringira nk`Umwami w`ubugingo bwacu. Kwizera Yesu n`ukumwegurira ubugingo bwacu bwose. Imana ni yo Data w`ukuri wo mu ijuru kandi buri gihe atwitaho binyuze mu rukundo rwe rutunganye. Dukunda abana bacu urukundo rwinshi. Tuzakora ibishoboka byose kugira ngo turinde kandi duhe ibikenerwa byose abana bacu nyamara turi ababyeyi badatunganye. Ni gute Data utunganye azabura kutwitaho (**Mat. 7:11**)?

27 – Pawulo asobanura ko ubumwe bw`abana bizera bwaje igihe bemeraga kubatirizwa muri Kristo. Aha yerekezaga ku mubatizo w`Umwuka bahawe ubwo bakizwaga bamaze gushyira kwizera kwabo muri Kristo (**1 Abakor. 12:13**). Umuntu ukijijwe Imana imushyiramo Umwuka wayo. Uku n`ukubabwamo n`Umwuka Wera (**Yoh. 14:17, 1 Abakor. 6:19; Abagal. 4:6**). Uyu mubatizo usobanura ko uwizera aba yambaye Kristo. Ibi bishushanya guhindura imyambaro. Ku bwo kwizera bambitswe gukiranuka kwa Kristo. Ubwo abahungu b`Abaroma bageraga mu kigero gishyitse biyamburaga imyambaro yabo yo mu bwana bakambara ibyo bitaga toga. Uwo mwambaro ukaba usobanura ko na we yabayeye umuntu w`umugabo. Pawulo agaragaza iyo shusho. Abagalatiya bizeye yabagereranyaga n`abana bari muni y`ubutware bw`amategeko ariko noneho bakaba barabayeye abantu bakuze muri Kristo ku bwo kwizera. Kuki bashakaga gusubira mu bwana kandi bari bamaze gukura?

28 – Mu bushizi bw`amanga Pawulo avuga ko kuba Abagalatiya bahagaze imbere y`Imana, bidaturuka ku kuba ari Abayuda, Abagiriki se, imbata cyangwa ab`umudendezo, abagabo cyangwa abagore (**Abar. 11:32**). Imana yemera abantu bose ititaye ku ibara ryabo, igitsina cyangwa urwego bariho, ni ku bw`ubuntu bwayo gusa, ku kwizera kwabo gusa no mu Mwana wayo gusa. Ariko kandi ibyo ntibisobanura ko ibyo byose bitandukanya abo bantu. Hari ahandi Pawulo agaragaza neza itandukaniro riri hagati y`umugabo n`umugore mu Itorerero. (**1 Abakor. 13:3, 1 Tim. 2:12; 3:1**)

29 – Bamwe mu Bagalatiya bashakaga kwihesha igikundiro ku Mana bitwaje kubahiriza amategeko. Abayuda bizeye babigishaga ko bagomba gukebwa kugira ngo bahinduke urubyaro rwa Aburhamu mu buryo bw`umwuka. Pawulo akavuga ko urubyaro rwa Aburhamu ari rwarundi rwizeye Yesu Kristo gusa rugakizwa. Abo ni abaragwa ku bw`isezerano, ari byo Pawulo yise gutsindishirizwa no kwizera (**Abag.3:6, 7**).

c. Ubwana muri Kristo (4:1-31)

Hano Pawulo arasobanura kuba umwana w`Imana icyo ari cyo. Abakristo ntibakiri imbata z`ibyaha ahubwo n`abana b`Imana nzima. Bashyizwe mu muryango w`abana b`Imana kandi bahabwa n`iby`abana bose b`ubwami bagenerwa. Yinginze Abagalatiya bizeye guhindukirira ubutumwa bwiza no kwishimira ubuntu bw`Imana yahaye Umwana wayo. Paul yakoresheje igishushanyo cy`Isezerano rya kera ahavugaga ku bana ba Sara na Hagari, yumvisha Abagalatiya bizeye ko bagize umugisha wo kuba abana b`isezerano. Pawulo yavuze yeruye ko abantu bamwe bakijijwe (Abana b`isezerano) abandi bazimiye (Abana b`ububata).

i. Abana b`umurage (4:1-7)

1, 2, 3 – Pawulo yakoresheje urugero rw`umwana warazwe ibya se ashaka kugaragaza kudakura mu mwuka kwa babandi bashutswe n`abigisha ba kiyuda. Umuragwa ni wawundi wanditsweho umurage. Umurage n`umugabane umuntu ahabwa ku bwo kuba warabyawe cyangwa se ikaba ari impano idasanzwe. Kuba umuragwa akiri umwana, bituma ategurirwa umurage we. Umurage uba ari uw`umwana ariko ntawegurirwa kubera yuko aba atarizerwa ko yawucunga neza. Ubwana bwe butuma adatandukanywa n`umugaragu udafite umurage. Pawulo yahuje urwo rugero n`Abagalatiya bizeye, bityo natwe nk`abana twari tubohewe mu buja. Hano Pawulo aravugaga ko abakristo bakunze kuba mu buja bushingiye ku myumvire y`iby`Umwuka iri hasi. Ariko noneho ku bwo kwizera Yesu, babaye abana bakuze. Ntibari bakiri mu bwana. Babashaga kunezererwa umurage wabo, ubutumwa bwiza bw`ubuntu.

4, 5 – Imana nk`Umuremyi w`isi yose irigenga. Kuva kera yari ifite umugambi wo gucungura inyokomuntu mu byaha. Igihe gisohoye, Imana yohereza Umwana wayo. Mu mateka y`abantu, Imana yatumye Yesu mu gihe gikwiye. Reba ingero nkeya: Abantu benshi babashaga kuvuga ikigiriki kubera ingoma ya Alexanderi mukuru n`ingabo ze. Imana yatanze Isezerano rishya mu kigiriki. Ubwami bw`Abaroma bwubatse imihanda kandi buzana umutekano ku buryo abantu bagendaga mu buryo bworoshye kandi nta nkomyi. Inkuru zavaga mu Muji umwe zijya mu wundi mu buryo bworoshye. Benshi mu Bayuda bigishaga ko ibya Masiya byahanuwe biri hafi gusohora. Ibyo n`ibindi byinshi byafatanyirije hamwe nk`uko ubutumwa bwiza bw`ubuntu bwakwiriye hose nk`ikibatsi cy`umuriro ubwo Yesu yabwiraga Abigishwa be ngo bajyane ubutumwa bwiza mu mahanga yose (**Act 1:8**).

Imana yatumye Umwana wayo. Urukundo rw`Imana rutagira akagero, rwatumye itanga Umwana wayo w`ikinege (**Yoh. 3:16**). Yesu Kristo ni Umwana w`Imana. Yesu ni Imana yuzuye mu buryo bwose. Ni we waremye nyose (**Abakol. 1:15-17**). Yesu yaraje abyawe n`umugore.

Yabyawe n`umwari Mariya. Yari umuntu wuzuye mu buryo bwose (**Mat. 5:18**). Ntiyigeze akora icyaha. Uku kuri ni ingenzi cyane. Umuziranenge Yesu gusa, akaba Imana n`umuntu mu buryo bwuzuye, ni we gusa ku bw`igitambo cy`urupfu rwe wahosheje umujinya w`Imana, agacungura isi y`ibyaha. Yesu ni we Nzira y`ubugingo (**Yoh. 14:6**).

Umugambi w`Imana mu kohereza Yesu n`ukugira ngo acungure abanyabyaha bityo bahinduke abana b`Imana. Gucungura bivuga kubohora umuntu umutangiye ikiguzi. Uburetwa bwari hose mu gihe cya Yesu. Abantu bashaga kugura abandi mu bwami bw`Abaroma. Umuntu wabashaga kwishyura umucakara, yabaga afite uburenganzira bwo kumuha umudendezo. Yesu yatuguze amaraso ye bityo aduha umudendezo adukura mu cyaha (**1 Pet. 1:18, 19**). Kugirwa umwana bisobanura ko umwizera abasha kwishimira ibigenerwa umwana ukuze wese mu muryango. Pawulo yakoresheje ijambo umwana ashaka kuvuga ku burenganzira bw`ibitsina byombi byizera. Mu bihe bya mbere by`isezerano rishya, igitsinagore nticari gifite uburenganzira ku murage w`ababyeyi kimwe n`igitsinagabo. Ariko noneho muri Kristo, ibitsina byombi bisangiye umurage ushyitse w`umubyeyi.

6, 7 – Nk`abana b`Imana, twahawe impano y`umwuzuro w`Umwuka Wera (**Abar. 8:15**). Umwuka wa Kristo aratuyobora, akatugenga kandi akadusengera. Pawulo avuga yuko Umwuka muri twe ataka agira ati Abba! Data! Aba ni ijambo ry`iki Arameya risobanura data. Ryakoreshwaga n`abana bato iyo bashakaga guhamagara ba se. Rigaragaza ubusabane mu rukundo. Abakrito bafitanye ubumwe, urugwiro n`ubusabane bwihariye na Data wa twese. Nta mbata n`imwe yagiraga ibyo bintu kuri shebuja. N`umwana gusa ufite umurage wa se ubasha kunezererwa ubwo busabane bwihariye (**Abar. 8:16, 17**). Umugaragu akorera shebuja mu bwoba, mu gihe umwana we akorera se akoreshejwe n`urukundo.

Bene Data bakundwa, mureke twishimire kuba abana binyuze mu kwizera Yesu Kristo. Kristo yaraducunguye. Imana y`amahanga yose yatwakiriye mu muryango wayo nk`abana. Ntabwo tukiri imbata z`ibyaha. Dufite umurage w`iteka. Tuzajya mw`ijuru nituramuka dupfuye. Tuzabaho ibihe byose mu maso y`Umwami wacu. Dufite Data ukiranuka uhora atwitaho ku bw`urukundo adukunda nk`abana be. Reka dushimire Imana ku bw`ubuntu bwayo, dukorere Yesu ku bw`urukundo tumukunda, ubundi turangize igihe dusigaje kubaho dusangira ubutumwa bwiza bw`ubuntu bw`Imana n`abadukikije.

ii. Abana bagoye (4:8-20)

8, 9, 10, 11 – Pawulo aracyaha Abizera bo mu Bagalatiya bataye ubutumwa bwiza. Yabibukije ibihe byabo byashize ubwo bari batarizera Kristo. Bari imbata z`ibyo bizeraga. Ariko noneho nk`Abakristo bamenywe n`Imana. Ariko kandi ku bwo gukurikira inyigisho za Kiyuda, basubiye ku mirimo y`imihango yerekeranye n`agakiza. Bataye ubutumwa bwiza bw`agakiza kabahesheje umudendezo. Pawulo abahendahenda agira ati “ni iki cyatumye musubira inyuma mu bya mbere bidafite imbaraga kandi bikena umumaro, mugashaka kongera kuba imbata zabyo?” Abagalatiya bakurikizaga imihango n`imico ya Kiyuda kugira ngo bagere ku rugero Imana yishimira. Abigisha ba kiyuda bari baremeje bamwe mu Bagalatiya ko bakurikiza karendari ya

Mose. Baziririzaga iminsi mikuru (Isabato ya buri cyumweru), amezi (Imboneko z'ukwezi), ibihe (Iminsi mikuru ya Pasika, pantekote, iminsi mikuru y'ingando), imyaka (y'amasabato n'indi minsi mikuru ya kiyuda yitwaga yubire). Abagalatiye bari baremejwe ko agakiza kabo gashingiye ku mirimo myiza bakoraga batitaye ku buntu bw'Imana. Ibyo byose ni byo byatumye Pawulo agera aho avuga ati "Ndatinya yuko ahari ibyo nabakoreye naruhijwe n'ubusa."

12, 13, 14, 15, 16 – Pawulo yinginga Abagalatiya abasaba ko bamukurikira bakareka inyigisho z'ibinyoma z'abigisha ba kiyuda. Pawulo yari wa muntu wabohotse ku nyigisho zishingiye ku mirimo y'Idini rya kiyuda abiheshejwe n'ubutumwa bwiza bw'ubuntu (Abafil. 3:4-8). Hano arahamagarira Abagalatiya kudata ubutumwa bwiza bw'ubuntu ngo bakurikize imirimo ishingiyeye kw'Idini.

Hano Pawulo aragaragaza iby'ibihe yamaranye n'Abagalatiya. Pawulo yari yafashwe n'uburwayi bw'umubiri. Abagalatiya bamwakiriye neza n'ubutumwa yababwirije nk'aho ari Malayika w'Imana cyangwa Yesu Kristo ubwe. Iyo biba ngombwa bari kumuha n'amaso yabo. Ibyo ni nk'urugero rushaka kugaragaza ko Abagalatiya bari biteguye kumuha ibintu byose by'agaciro baba bafite. Pawulo yashakaga kubumvisha ko akiri wawundi bigeze kwiringira. Yakagombye kongera kwiringirwa. Imitima yabo ni yo yari inyungu ye ikomeye. Ntiyari umwanzi wabo. Yavugishaga ukuri.

17, 18 – Pawulo yagaragaje kwikunda kwari mu bigisha ba kiyuda. Mu by'ukuri ntibakundaga Abagalatiya nk'uko Pawulo yabakundaga. Bari abantu bikunda. Bashakaga ko Abagalatiya bagendera ku byabo kandi bakabahanga amaso atari kuri Pawulo, ku bw'ubuyobozi bw'Idini ryabo.

Bene Data bakundwa, mwirinde cyane ba bavugabutumwa bashaka kwikururira abantu kurenza kubayobora kwa Kristo. Umwigisha w'ukuri ntiyita ku buzima bwe, ahubwo yibanda ku bya Yesu. Umuhamagararo wacu n'ukubwiriza Kristo, kwamamaza Yesu no kumushyira hejuru. Nitubigenza dutyo, Yesu azireherezaho n'abandi (**Yoh. 12:32**).

19, 20 – Pawulo aravugana n'Abagalatiya nk' abana bakundwa. Aragereranya akababaro bamutera mu mutima we nk'umugore uri ku bise. Umubyeyi ategereza yihanganye kuvuka k'umwana. Ategerezanya amatsiko yo gukikira umwana. Ategereza yihanganye ko ibintu byose birangira. Pawulo yasohoje uru rugendo rwose ku Abagalatiya. Yabihanganiraga agira ngo abagarure ku butumwa bwiza bw'ubuntu. Yifuzaga kubona bahinduka bagasa na Yesu. Pawulo yari afitiye Abagalatiya ishyari yifuzaga ko babohoka ku nyigisho z'abigisha b'ibinyoma. Yifuzaga kubana na bo. Yifuzaga kuvugana na bo imbona nkubone akabaha ibimurimo.

Bene Data bakundwa, mbese twaba dukunda abantu Imana yaduhaye nk'uko Pawulo yakundaga Abagalatiya? Niba ari byo, tuzavugaga ubutumwa bw'Imana bw'ukuri dushishikaye kandi tubihamya.

iii. Abana b'isezerano (4:21-31).

21 – Pawulo yazanye urugero rw`icyakozwe mu isezerano rya kera kugira ngo ahinyuze abigisha ba kiyuda. Yakoresheje inkuru za Aburahamu, abahungu be babiri: Ismayeli na Isaka na ba nyina ari bo Sara na Hagari (**Itang. 16, 21:9-14**). Urugero rwabo rwashushanyaga ab`idini ya kiyuda n`Abakristo. Pawulo yakoresheje iyi nkuru yigisha Abagalatiya kugira ngo bahitemo kwiringira ubuntu bw`Imana cyangwa kwiringira imirimo yabo myiza ngo ibageze ku gakiza. Ntibabashaga kubyiringira byombi. Bagombaga guhitamo gukiranuka guheshwa no kubahiriza amategeko y`Imana cyangwa gukiranuka guheshwa n`ubuntu bw`Imana ku bwo kwizera Yesu Kristo. Bagombaga kuba abana b`isezerano babyawe n`Umwuka w`Imana, cyangwa abana b`ububata biringiye iby`umubiri byabo. Pawulo yasabaga Abagalatiya kumva neza icyo amategeko asobanura. (Gusoma mu **Itang. 12-21** byafasha umuntu gusobanukirwa neza icyo cyanditswe)

22-31 – Kugereranya abo bagore bombi (Dushingiye ku byanditswe muri Bibiliya).

1. Hagari (Igishushanyo cy`amategeko).

- a. Yari umuja (**4:22**).
- b. Kurongorwa na Aburahamu byari biyobowe n`umubiri (**4:23**).
- c. Umuhungu we Ishimayeli yavutse mu buryo busanzwe (**4:24**).
- d. Umwana we yatoteje umwana wa kabiri wa Aburahamu ari we Isaka (**4:29**).
- e. Umwana we ntiyagombaga kuragwa ibya Aburahamu (**4:30-31**)
- f. Yagereranywaga na Yerusalemu yo ku isi (**4:25**)
- g. Yashushanyaga isezerano rya kera (**4:24**).

2. Sara (Igishushanyo cy`ubuntu)

- a. Yari umugore w`umudendezo (**4:22**)
- b. Urushako rwe na Aburahamu rwari ruyobowe n`Umwuka (**4:23**)
- c. Umuhungu we Isaka yavutse mu buryo budasanzwe (**4:27**)
- d. Umuhungu we yatotejwe na Ishimayeli (**4:29**)
- e. Umwana we yemerwaga nk`umuragwa wa Aburahamu (**4:23**)
- f. Agereranywa na Yerusalemu yo mu ijuru (**4:26**)
- g. Ashushanyaga Isezerano rishya (**4:24**)

28 – Pawulo avuga ko Abagalatiya bizeye, kimwe na Isaka ni abana b`isezerano. Kuvuka kwa Isaka kwari umurimo utangaje w`Imana. Aburahamu yari afite imyaka 100 na Sara afite 90. N`ababyawe mu buryo bw`Umwuka na bo bavutse mu bitangaza by`Imana (**Yoh. 3:3-5**). Kuvuka kwa Isaka ni ugusohora kw`isezerano ry`Imana (**Itang. 15:5, 18:10**). Ababyawe bwa kabiri ni ugusohora kw`isezerano ry`agakiza (**Abagal. 3:9, 22, 29**). Kuvuka kwa Isaka kwari ugusohora kw`ubuntu bw`Imana. Aburahamu na Sara byari nk`ibikoresho by`ubuntu bw`Imana ku bwo kwizera isezerano ryayo. Abakristo babyawe mu buryo bw`Umwuka n`ugusohora k`ubuntu bw`Imana binyuze mu kwizera Umwana wayo.

30 – Inyigisho z`ubuyobe za kiyuda zagombaga kujugunywa nk`uko Hagari na Ishimayeli birukanywe.

31 – Pawulo avuga ko abizera Yesu Kristo ari abana b`umugore w`umudendezo, s`abana b`umuja. Abagalatiya bagombaga gusuzuma imitima yabo maze bakamenya nyina wo mu buryo bw`umwuka uwo ari we.

Bene Data bakundwa, abantu muri iyi si bashobora kuba bakijijwe cyangwa badakijijwe. Bashobora kuba ari abana b`ububata cyangwa bakaba ari ab`isezerano. Bashobora kuba bakora iyo bwabaga ngo banezeze Imana ku bwabo, cyangwa se bemeye ko batsinzwe maze bakiyambaza ubuntu bw`Imana. Abantu bashobora kuba bagerageza ku bwabo cyangwa bakaba bizeye Yesu. Mu gihe dukora umurimo w`Imana wo kubwiriza, dukwiye kujya twibutsa abantu ko inzira y`agakiza ari imwe gusa. Abantu bakizwa n`ubuntu bw`Imana gusa, ku bwo kwizera gusa, muri Kristo gusa. Nshuti bakundwa, buri munsu duhora tuvugana n`abantu bazamara ibihe by`iteka mu ijuru cyangwa mu muriro. Reka tube abantu basangira ibyiringiro by`ubutumwa bwiza bw`ubuntu n`abantu bazimiye kandi bapfira mu byaha badukikije.

IV. Kwiregura gufatika (k`ubukristo bw`umudendezo) (5:1-6:10)

Pawulo hano arasobanura ubuzima bwo kubeshwaho n`ubutumwa bwiza bw`ubuntu. Abigisha ba kiyuda bizeraga ko inyigisho zo kwizera ubuntu byatuma umuntu asuzugura amategeko. Pawulo avuga ibihabanye n`ibyo. Ubutumwa bwiza bw`ubuntu butavangiye, bubyara umutimanama mu Bakristo utuma bakorera Imana mu bwizerwa kubera ko bayikunda kandi bayishimira ibyo yabakoreye byose. Abakristo bo muri ubwo buryo, bakorera abandi ku bw`urukundo Kristo yaremye muri bo. Yesu Kristo abohora abizera mu bubata bw`ibyaha kandi akabuzura Umwuka we Wera. Abizera babaho ubuzima bw`umudendezo birekuriye mu buyobozi bw`imbaraga z`Umwuka Wera. Umwuka Wera aduha kunesha icyaha n`imbaraga zo kubaho nk`uko Umukristo yifuza.

a. Guhagara mu mudendezo (5:1-15)

Urufu no kuzuka kwa Yesu Kristo biduhesha kubohoka ku mategeko. Ubu tubasha guhagarara imbere y`Imana twishyigikirije umurimo w`i kaluvari warangiye. Ntitwiringira ubushobozi bwacu ngo twubahirize amategeko; twiringira Yesu ku bwo gutsindishirizwa kwacu. Umudendezo nyawo ubonekera mu kwiringira Yesu gusa ku bw`agakiza kacu. Pawulo yingingira Abagalatiya bizeye gushikama mu butumwa bwiza bw`ubuntu. Yari azi ko mu gukurikira inyisho za kiyuda babashaga kudohoka mu mudendezo bishimiraga muri Kristo.

ii. Ishingiro ry`umudendezo (5:1-6)

1 – Ishingiro ry`umudendezo wa gikristo ni urufu no kuzuka kwa Yesu Kristo. Abizera biringira Yesu gusa kubera yuko yasohoje ibyo amategeko yasabaga byose. Ku bw`ibyo, uwizera ntaba munsu y`ububata bw`amategeko; babayeho mu buntu. Ntibagerageza gusohozza amategeko n`amahame y`amategeko. Bishakira gukunda no gushaka Yesu mu mbaraga z`Umwuka Wera. Abakristo babayeho mu mudendezo utangaje bakesha umurimo warangiye Yesu Kristo yakoze.

Pawulo yari azi ko Abagalatiya bari mu kaga katerwa no kuba bararetse umudenzezo wa gikristo bitewe n'inyigisho za kiyuda. Yabasabye gushikama ku rufatiro Kristo yashyizeho.

2-4 – Bamwe mu bagabo b'i Galatiya bafataga gukebwa nk'ubwishingizi bw'agakiza kabo. Pawulo yaburiye Abagalatiya abumvisha ko hari ingaruka eshatu zizabageraho nibaramuka bakebwe kugira ngo babone agakiza: Umurimo Kristo yakoze bazaba bawuhakanye, bazaba bagomba kubahiriza amategeko yose, ubundi bazatakaza imigisha y'ubuntu. Pawulo yavuze yeruriye abagabo b'Abagalatiya bashaka kwiringira gukebwa ko bazagwa baretse ubuntu bw'Imana. Pawulo ntabwo ari kuvuga ko bamwe bazatakaza agakiza. Pawulo ari kuvuga ko Abagalatiya ku bwo kwiringira gukebwa ku bw'agakiza kabo batakaje imyumvire y'ubuntu kandi basuzugura amahirwe ubuntu bwabahaye.

5 – Abizera nyakuri, barenza amaso nk'ikizu bakabona ibyo mu gihe agakiza kacu kazaba gasohoye. Pawulo aravuga igihe abizera bazaba bahawe ubwiza imbere ya Yesu. Aba ni abizera biringirwa ku bwo gukiranuka. (**Abah. 9:28, 1 Pet. 1:3-4**).

6 – Gukebwa ni igikorwa cyo hanze cy'umubiri kidafitanye isano n'agakiza. Agakiza ni ikintu cyo mu buryo bw'Umwuka. Kwizera Yesu kose kugira imirimo yako binyuze mu rukundo (**Abef. 2:10; Yak. 2:18**).

Bene Data bakundwa, twizera Yesu gusa ku bw'agakiza kacu. Ntabwo twiringira imirimo yacu myiza. Yesu yatubohoye mu ngoyi y'icyaha. Turabohotse kugira ngo tube mu buntu. Turabohotse kugira ngo tubeho mu byiringiro. Turabohotse kugira ngo tubeho mu rukundo. Umudenzezo wa Gikristo bisobanura kubohoka ku cyaha n'uburetwa bwacyo tugakorera Yesu nk'Umwami n'abandi tutizirikana ubwacu.

iii. Umwanzi w'umudenzezo (5:7-12)

7 – Pawulo yibanze ku banzi b'umudenzezo wa gikristo. Avuga ko abigisha ba kiyuda bari abigisha b'ibinyoma bapfukiranye Abagalatiya ngo batubaha ijambo ry'Imana. Bari abanzi b'ubutumwa bwiza bw'ubuntu. Bashushanya abigisha bose b'ibinyoma:

8 – Ntibavuye ku Mana kandi ntibakorera Imana.

9 – Banduza Itorero nk'indwara y'icyorezo. Inyigisho zabo zisakara nk'uko umusemburo ukwira mu irobe.

10 – Bazacirwaho iteka ku bw'inyigisho zabo z'ibinyoma.

11 – Batoteza abigisha b'ukuri b'ijambo ry'Imana.

12 – Aha Pawulo yakoresheje ijambo rikomeye. Yifuzaga ko abigisha ba kiyuda bakwikeba ubwabo. Imvugo yakoresheje ni kwikona. Wenda byatuma umuntu atekereza ko ingaruka zo ku mubiri bahura na zo zishushanya icyifuzo Pawulo yari afite ku bigisha ba kiyuda b'intagondwa (ibyo byakuwe mu busobanuro bwa Bibiliya yitwa: The Bible Knowledge Commentary).

iv. Imbibi z`umudendezo (5:13-15)

13 – Umukristo ni umuntu w`umudendezo. Ntacyiciraho iteka kubera icyaha kuko yamaze kubona imbabazi z`Imana. Yaciye ukubiri n`urubanza rw`icyaha kubera yuko Yesu yamupfiriye ku musaraba. Kandi binyuze mu mbaraga z`Umwuka Wera, yabatuwe ku mbaraga z`ibyaha bya buri muni. Yabohowe no ku mategeko n`amahame n`ibihano bijyane na yo. Mu buryo bwose Pawulo yakebuye abizera ko batagomba gukoresha umudendezo bafite ngo bawugire urwitwazo rwo gukora ibyaha. Umudendezo w`Abakristo si uwo gukora ibyaha ahubwo n`uwo gukunda no gukorera abandi (**Yoh. 8:31-36**) (Dukurikije the Bible Exposition Commentary).

14 – Mu ncamake Pawulo yatanze itegeko risohoza amategeko yo mu isezerano rya kera: Ukunde mugenzi wawe nk`uko wikunda (**Mat. 22:37-40**). Ntabwo umwizera agomba guhagarikishwa umutima no gusohoza amategeko yose yo mu isezerano rya kera. Mu buryo bworoshye, imbaraga z`Imana zimubashisha gukunda mugenzi we nk`uko yikunda. Muri uko gukunda mugenzi we, asohoza itegeko ry`isezerano rya kera. Gukunda mugenzi wawe nk`uko wikunda bivuga ko amahame yose akurwaho.

Bene Data bakundwa, nituramuka dukunze bagenzi bacu nk`uko twikunda, ntituzamwiba. Ntituzamubeshyera. Nituzagirira nabi umuryango we. Tuzasangira ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo kubera yuko tumukunda kandi twifuzaga ko hagira uwo dusangira ibya Yesu. Tuzivaho maze tumwereke ubugwaneza. Igisubizo cy`ibanze ku cyo Imana ishaka ko dukora buri muni ni: kunda mugenzi wawe nk`uko wikunda.

15 – Pawulo yakebuye abizera ko batagomba kwitwaza umudendezo ngo bahemukire abandi. Yakoresheje ijambo rikomeye: gushikurana no guconshomerana, ibintu bikoreshwa n`inyamaswa zirwana. Imvugo yabo mbi iteza ibibazo mu Itorero.

b. Kuyoborwa n`Umwuka (5:16-26)

Hano Pawulo aragaragaza uburyo abizera buri muni bagendera mu ntsinzi ku cyaha. Umukristo ntabasha kuneshya urugamba rw`icyaha ku bw`imbaraga ze, nk`uko atabasha no kwikiza ubwe mu muhate we. Imbaraga zinesha icyaha zibonekera muri umwe gusa ari we Mwuka Wera. Buri mwizera aba atuwemo n`Umwuka Wera (**1 Abakor. 6:19**). Uko buri mwizera yoroshya umutima kandi akegurira ubugingo bwe ubuyobozi bw`Umwuka Wera, Umwuka amuha imbaraga kandi akamubashisha kubaho ubuzima buneshya bwa gikristo. Aha Pawulo arasobanura intambara z`abizera azigereranya n`irari ry`umubiri w`ibyaha n`imbuto z`Umwuka Wera.

i. Irari ry`umubiri (5:16-21)

16, 17, 18 – Pawulo arasobanura intambara zibera imbere mu mukristo wese. Buri mukristo wese yifuzaga kunezeza Kristo no kubaho ubuzima bw`imbaraga z`Umwuka wera. Mu bisanzwe umuntu agira kamere y`ibyaha yikunda, yibona, maze ibyo bigahabana n`Umwuka umurimo (**Rom. 7:18-25**). Umwuka n`umubiri bihora birwanira mu muntu wizera. None ni gute umuntu yaneshya

umubiri... Agenda ayoborwa n`Umwuka. Ibyo bivuga ko abizera b`i Galatiya bagombye buri gihe kugendera mu buyobozi bw`Umwuka bakaganzwa n`imbaraga zawo uko bakorera Yesu Kristo.

Bene Data bakundwa, uko ducumuye tuba tugaburiye kamere. Irushaho kugenda igira imbaraga. Ariko tugaburira Umwuka igihe twihanye, tugasoma Bibiliya, tugaterana n`abandi bizera, ubundi tukumvira Imana mu byo idusaba. Tuzarushaho gukomera mu mwuka igihe tuzaba dushaka Imana mu masengesho tuyisaba imbaraga (**Abar. 13:14**).

19, 20, 21 – hari urutonde rw`imirimo ya kamere Pawulo agaragaza:

Gusambana – igikorwa cyose cy`imibonano mpuzabitsina kitemewe;

Gukora ibiteye isoni – Igikorwa cyose cyangwa amagambo ataboneye;

Iby`isoni nke – ibibi biteye isoni bikorerwa ku mugaragaro nta kwifata;

Gusenga ibishushanyo – gusenga ikindi kintu kitari Yesu;

Kuroga – Kwiringira imbaraga mbi z`umwijima.

Kwangana – Gukora ibinyuranye n`urukundo

Gutongana – kuvuga nabi no kurwana udashaka kumvikana n`abandi;

Ishyari – kuribwa cyangwa kijiginywa n`iby`abandi, ubyifuza;

Umujinya

Amahane – gushaka ko ari wowe wemerwa no kuba ari wowe ubikora;

Kwitandukanya – Gushaka kwikura mu bandi;

Kwirema ibice – kurema agatsiko ushingiyeye ku nyigisho z`ibinyoma;

Kugomanwa – Kurarikira ko ibyo abandi bafite byaba ibyawwe byose;

Gusinda – kurenza urugero mu kunywa inzoga;

Ibiganiro bibi – ibiganiro nk`iby`abasinzi.

Uru rutonde ntirukubiyemo ibyaha byose ariko kandi rutanga ishusho ya kamere y`umuntu. Pawulo akomeza avuga ati: abo bose bakora mwene ibyo barazimiye kandi ntibazigera binjira mu bwami bw`Imana. Hano ntavuga ko umuntu wese wakoze imirimo ya kamere yazimiye. Ahubwo aravuga ko umuntu utihana agakomeza gukora ibya kamere ntacyo yishisha, yazimiye kandi akeneye agakiza ka Yesu Kristo. Birumvikana ko Abakristo bakirwana n`icyaha. Ariko iyo umukristo akoze icyaha, Umwuka Wera aramukomanga mu mutima we. Umukristo rero aho aratura, akihana nk`uko Umwuka Wera amuyobora. Umukristo ntarimbuka kubera yuko yakozwe icyaha runaka, ariko ubusabane bwe n`Imana burangirika kugeza ubwo umuntu yatuye icyaha cye. Umukristo ahabwa intsinzi ku cyaha igihe cyose yumviye ubuyobozi bw`Umwuka Wera kandi yishyigikirije ku mbaraga z`Umwuka.

Bene Data bakundwa, icyaha ntikigomba gutuma dushidikanya ku gakiza kacu, ariko bishoboka iyo hari kudakomangwa ku mutima no kumeneka ku cyaha. Umwuka Wera atwigisha uburyo tugomba gushikama ku mudendezo dufite muri Yesu. Kuyoborwa n`Umwuka bisobanura gukomeza guhanga amaso ukuri, urukundo n`ubwiza bwa Yesu twifuza gusa na we mu buryo bwose.

ii. Imbutu z`Umwuka (5:22-26)

22, 23 – Umurimo w`Umwuka Wera n`ugushyira Yesu hejuru no kumuhimbaza (**Yoh. 15:26, 16:14**). Umurimo wose mwiza w`Umwuka wera mu Mukristo uzashyira Yesu hejuru no kumuhimbaza. Imbutu y`Umwuka iteka itumbereza kuri Yesu. Imbutu y`umwuka ntiteza imbere umwizera ahubwo ikorera cyane Yesu. Imbutu y`Umwuka ibyarwa n`Umwuka mu buzima bw`umwizera ni imico ya Yesu ihinduka iy`umwizera. Imbutu ni ikintu cyigaragaza hanze mu mico y`umuntu, irakura ntiyikanirwa. Uko umukristo agendana na Yesu buri muni, ni ko Umwuka Wera agenda abyara imbutu mu buzima bwe. Muri **Yoh. 15:5** Yesu yaravuze ati “*Ni jye muzabibu, namwe muri amashami. Uguma muri jye nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbutu nyinshi, kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite.*” Umukristo agomba kuba yifatanije na Yesu.

Bene Data bakundwa, nk`uko umuhinzi ahangana imbutu ze yitegura umusaruro, tugomba kwifatanya na Yesu ubundi tukareka Umwuka Wera mu buzima bwacu bwa buri muni akatuyobora niba twifuzaga imbutu z`Umwuka. Ibyo tubikora twiga Bibiliya, dusenga, turamya kandi dusabana na Yesu. Ntidushobora kwera imbutu z`Umwuka ahubwo turamwiyegurira noneho akaba ari we werera imbutu muri twe.

Pawulo avuga urutonde rw`imbutu z`Umwuka:

Urukundo – Urukundo rw`Imana rwitanga (**John 3:16**)

Ibyishimo - Umunezero ukomeza utabasha kwangizwa n`ibyo uhura na byo.

- **Yoh. 15:11** “*Ibyo mbibabwiriye kugira ngo umunezero wanjye ube muri mwe, kandi n`umunezero wanyu ube wuzuye.*”

Amahoro – Ituze n`ihumire ryo mu mutima, ubushizi bw`amanga no kunyurwa muri Kristo.

- **Yoh. 14:27** “*Mbasigiye amahoro, amahoro yanjye ndayabahaye. icyakora simbaha nk`uko ab`isi batanga. Imitima yanyu ntihagarare kandi ntitye.*”

Kwihangana – gukomera no kugira ishyaka mu bikurwanya. Kwihangana mu bigoye biteye ubwoba. (**Yak. 1:2-4**)

Kugira neza – Igikorwa cyo kwita ku bandi

Ingeso nziza – Urukundo mu bikorwa. Kujya gufasha abandi n`ubwo ryaba atari itegeko.

Gukiranuka – kuba umwizerwa ku buryo bakwifatanya nawe;

Kugwa neza – kutitura inabi ugiriwe, gucira bugufi ijamba, kwemera abandi mu gihe ubwitonzi bukenewe.

Kwirinda – kwifata ngo udakurikiza imyumvire y`umubiri. Kwibuza kuyoboka inzira ikigerageze kikoherezamo. (Cyane cyane mu byokurya cyangwa mu irari ry`imibonano mpuza bitsina)

Bene Data bakundwa, uko turushaho kugendana na Yesu no kwemera kuyoborwa n`Umwuka, Umwuka Wera yerera imbutu muri twe. Intego yacu s`ukumera nka Yesu gusa, ahubwo n`ukubana na we. Yesu yerera imbutu muri twe uko tugenda dusabana na we.

24 – Pawulo aravugana n`abantu babambye kamere yabo. Aravugana ku kuntu abizera bafatanyije no kubambwa kwa Yesu. Uburyo abizera bose bari kumwe na Yesu ku musaraba. Pawulo yifuza

ko abizera bose bahora basubiza amaso inyuma bakabona intsinzi Yesu yabaronkeye. Ibi ntibisobanura ko umwizera atazacumura, ahubwo n`uko intsinzi ye abonera mu kuri ko kubambwa kwa Yesu inesha irari n`ibyifuzo by`umubiri. (**Rom. 6:6, 11-14; Gal. 2:20, Kol. 3:5**).

25, 26 – Abizera bose bafite Umwuka Wera muri bo. Ariko si abizera bose bagendana intambwe ku yindi n`Umwuka Wera. Iyi mvugo yo kugendana ni imvugo ya gisirikare aho umusirikare agendana n`abandi bakurikiza ibyo umuyobozi wabo ababwira. Pawulo ari kubwira Abagalatiya ko bagomba kwitonda bakumvira ubuyobozi bw`Umwuka Wera. Ibi bikorwa mbere na mbere wiga kandi wumvira Bibiliya yahumetswe n`Umwuka Wera (**2 Tim. 3:16**).

Pawulo arakebura abizera ku bijyanye n`ubwibone, kwiyemera no kugirira abandi ishyari byatuma haba gucikamo ibice mu Itorero (**Abafil. 2:3-5**). Birashoboka ko Pawulo hano akangurira abantu ikibazo cyatewe n`abigisha b`ibinyoma ba kiyuda.

Bene Data bakundwa, iyo tugandukiye Umwuka Wera, yera imbuto ze n`imico ya Yesu muri twe. Aduha intsinzi ku cyaha n`ubushizi bw`amanga no guhamya Yesu (**Ibyak. 4:8, 31**).

c. Kwikorererana imitwaro (6:1-10).

Aha Pawulo aributsa Abagalatiya ko abizera bayoborwa n`Umwuka bafite inshingano zo kwita ku bandi bizera bo mu Itorero ryabo. N`urungo ruzima rw`umubiri wa Kristo mu karere. Bagomba gukundana bihagije ku buryo bakeburana mu cyaha, bikorererana imitwaro kandi bashaka kwikorera n`imitwaro yabo ubwabo.

i. Bitanaho kandi bafatanyaga (6:1-5)

1. – Pawulo avugana n`Abagalatiya nk`abavandimwe. Arabibutsa ko bafite inshingano zo kugarura mwene Data uri mu byaha. Ijambo kugarura birashaka kuvuga kumusubiza mu buzima bwa mbere. Iri jambo ryakoreshwaga mu buvuzi aho muganga yasubizaga igufka mu mwanya waryo cyangwa umurobyi utunganya urucundura rwe. Aha Pawulo ari kuvugana n`abizera bayoborwa n`Umwuka. Umwuka aramutse amweretse mwene Se uri mu byaha, agomba guhera ko ahagurutswa n`urukundo akajya gushaka no gukangurira mwene Se kwihana. Agomba kubikorana ubugwaneza n`impuhwe. Umwizera uyoborwa n`Umwuka agomba kuba maso kuko adafite urukingo rw`ibyaha (**Mat. 18:15-17**).

2 – Pawulo arategeka abizera ko bagomba kwikorererana imitwaro. Iri jambo umutwaro riragaragaza uburemere bw`ikintu kivuna. Biravugaga ikintu cyose kiri ku mwizera atabasha kwikuraho cyangwa kunesha. Ijambo kwikorera, risobanura kwishyiraho umutwaro uremereye. Hano Pawulo ari kuvuga ko abizera bafite inshingano zo kwita ku mibereho myiza y`abandi.

Bene Data bakundwa, tugomba igihe cyose guhora tuzirikana ibyifuzo bya bene Data na bashiki bacu muri Kristo. Buri gihe tugomba guhora dushaka kubafasha mu bibazo byabo n`ingorane mu buryo bwose bushoboka. Ni bo muryango wacu wo mu buryo bw`Umwuka. Itorero ni wo mubiri w`abizera. Buri rugingo rwita ku zindi ngingo kugira ngo ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo

busakare buvuye mu mubiri. Itorero ni umuryango wo mu buryo bw`Umwuka kandi abanyamuryango barafashanya.

3, 4, 5 – Abizera bananirwa gufasha abandi bariyemera cyane ko ari beza kuruta abandi kubera yuko nta cyifuzo kigaragara baragira, cyangwa batarafatirwa mu cyaha runaka. Pawulo asaba abizera kwisuzuma ubwabo. Abizera bakwiriye kurenza amaso bakareba Yesu akaba ari we bigereranyaho aho kwigereranya ku bandi. Ibyo bizatuma bacishwa bugufi aho kuba abibone. Buri mukristo azikorera umutwaro we. Ijambo umutwaro ryakunze gukoreshwa mu gisirikare aho buri wese yabaga afite umutwaro we. Noneho buri musirikare akaba afite inshingano zo gufasha mugenzi we ufite umutwaro uremereye ariko bitavuze ko buri wese afite umutwaro we. Ibi rero ni urugero rw`abizera mu Itorero. Umwizera wese afite inshingano ze agomba gusohozza mu Itorero.

ii. Kwakira no gutanga (6:6)

6 – Pawulo aributsa abizera ko bagomba kwita ku bashumba babo n`abigisha babo mu Itorero. Uwigishwa akwiriye gusangira n`umwigisha ibyo abona cyangwa ageraho. Buri Torero rigomba kwita ku bikenerwa by`umubiri w`umushumba. Pasitori cyangwa umushumba na we afite umutwaro wo kwita ku mibereho myiza yo mu buryo bw`Umwuka y`abantu. Umushumba w`umwizerwa avunwa no kubwiriza, kwigisha no kurera abantu akoreshejwe n`urukundo. Iteraniro rikamugaragariza umutima ushima urukundo bamubonamo, bamukenura mu byo akennye ku mubiri. Bamwe bakira ijambo ry`Imana bagomba gutanga iby`ubuntu kuri wawundi ubaha ijambo ry`Imana (**1 Abakor. 9:7-14**)

iii. Kubiba no gusarura

7, 8 – Abizera bita ku bashumba babo bazahabwa umugisha ku bw`ubwizerwa bwabo. Abizera basuzugura abashumba babo ntabwo bazigera bahabwa umugisha. Abizera basarura ibyo babibye. Niba umubibye abibye ibigori, ni ibigori azasarura. Nabiba urukungu, azasarura urukungu. Umuntu nabiba mu mubiri azasarura kubora. Umuntu nabiba mu Mwuka, azasarura imigisha yo mu Mwuka. Imana ntinegurizwa izuru. Imana ibona byose kandi izi byose. Igororera umuntu wese uyikorera asunitswe n`urukundo ariko kandi izahana abasuzugura ubutware bwayo.

9, 10 – Akenshi usanga abizera bacika intege kuko batabona umusaruro w`ibyo bakoze. Ariko Pawulo arababwira ati “Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari.”

Dushobora gusarura bimwe tukiri muri ubu buzima ariko umusaruro wuzuye uzaboneka twinjije mu bwami budashira hamwe n`Umwami wacu. Pawulo arabashishikariza kudapfusha uburyo ubusa mu gihe Imana ibabashishije gukorera bagenzi babo neza.

Bene Data bakundwa, nta gihe gihagije dufite cyo gukorera Yesu. Tugomba gucunguza uburyo umwete mu kuvuga ubutumwa bwiza bw`ubuntu. Umwanya n`uburyo bwose Imana iduhaye, dukwiriye kubikoresha mu gufasha bagenzi bacu. Tugomba kubaho ubuzima bwiyoroheje buri

munsi tuzabona Yesu amaso ku yandi. Dufite ubuzima bumwe gusa. Tugomba gukorera Yesu uko duhumetse n`uko umutima wacu uteye nk`uko twabihawe. Komera kuko igihe cyo gusarura kiri bugufi. Kubaho ubuzima bwo kwizera Yesu none bizaduhesha umusaruro w`ibihe bidashira.

V. Indunduro (6:11-18)

a. Kwikunda kw`abigisha ba kiyuda (6:11-13)

11 – Hano Pawulo arandikira Abagalatriya akoresheje inyuguti nini. Birashoboka ko Pawulo ahandi habanza yakoresheje inyuguti nto kugeza kuri iyi ngingo. Ariko noneho arandika mu nyuguti nini. Ibi yabikoreye kugira ngo ashimangire uburemere bw`ijambo rye rya nyuma. Umuntu ashobora kwibaza icyo ibyo byakoze ku bantu basomye iyo nyandiko bwa mbere. Bamenye ko Intumwa iri kubahamagarira kwita ku mwanzuro we.

12, 13 – Abigisha ba kiyuda bashimangiraga ko gukebwa ari ngombwa kugira ngo umuntu akizwe (**Ibyak. 15:1**), muri make, (1) bari abantu bashaka kunezereza abantu gusa (**Abag. 1:10**) bashaka kugaragara neza hanze gusa; (2) batinyaga gutotezwa (**6:12**); (3) bashakaga kwirata umubare w`abagalatiya biringiraga kwemeza ibyo gukebwa nka kimwe mu bintu byatuma baba abanyedini bemewe (**13**). Mu by`ukuri s`uko bari bitaye ku mibereho myiza y`Abagalatiya. Icyabahataga ni umutima w`ubwibone no gukomera ku mahame.

b. Intumwa iciye bugufi (6:14-17)

14 – Icyahataga Pawulo cyari gihabanye cyane n`icyahataga abigisha ba kiyuda. Yakundaga Abagalatiya. Yaratotejwe, arababazwa kugira ngo ubutumwa bwiza bw`ubuntu bubagereho. Umusaraba wa Yesu Kristo gusa ni wo yirataga. Niba hari umuntu wabashaga kwirata ibyo gusohozwa amahame y`Idini, ni Pawulo. Mbere yuko akizwa yari wa Mufarisayo ufite ishyaka (**Abafil. 3:4-7**). Imana ikurikije uburyo Pawulo yihanye, yamukoresheje mu buryo budasanze ngo ajyanire ubutumwa benshi. Icyo yirataga kikaba cyatuma yishyira hejuru, n`umurimo Yesu yasohojwe. Pawulo yirataga umusaraba wa Yesu Kristo gusa. Yabambwe ku by`isi. Ijambo isi hano, rishaka kuvuga imikorere yose irwanya Kristo. Pawulo aravuga ko yapfuye ku bw`imikorere yose ihabanye n`ubwami bwa Yesu Kristo (**Abagal. 2:20**) Pawulo yeguriye Yesu ibye byose kandi yiyegurira ubutumwa bwiza ku bw`isi yose.

Bene Data bakundwa, icyo twakwirata ni umusaraba wa Yesu. Nta muhate wacu uko waba ungana kose waba incungu y`ibyaha byacu. Nta mubare w`imirimo myiza yacu waduhesha ibyiringiro by`ijuru. Ni ku bw`umusaraba wa Yesu gusa twakijijwe. Mu murimo nta mpamvu zo kwirata ubushobozi bwacu cyangwa ibyo dusohozwa, ahubwo tugomba kwiratira mu Mwami n`Umukiza wacu Yesu Kristo. Ku bw`ubuntu bwe twarakijijwe. Ku bw`ubuntu bwe turarinze. Ku bw`ubuntu bwe dusohozwa ubushake bwe. Mureke twirate Yesu gusa. Icyubahiro n`ishimwe bibe ibye iteka ryose, Amen.

15, 16 – Pawulo avuga ko agakiza kadafite aho gahuriye n'ibara ry'uruho. Gukebwa cyari ikimenyetso cy'Abayuda. Kudakebwa na byo byari ikimenyetso cy'abanyamahanga. Ibyo byose rero ntacyo bimaze mu bijyanye n'agakiza. Icyangombwa ni ukuba icyaremwe gishya (**2 Abakor. 5:17**). Pawulo aravugaga nk'umuntu ufitanye ubusabane na Yesu Kristo. Ntabwo agakiza kabonekera mu mihango y'idini, ahubwo kabonekera mu busabane na Yesu Kristo. Pawulo asakaza imigisha y'amahoro n'imbabazi ku Bisirayeli b'Imana.

Bene Data bakundwa, agakiza ntaho gahuriye n'ibara ry'uruho, cyangwa igitsina, cyangwa igihugu ukomokamo. Icyangombwa ni ubusabane ufitanye na Yesu ku bwo kwizera. Ntabwo ubutumwa bwiza buzi ibara ry'uruho rwawe, imico yanyu, cyangwa ibyo muzira mu gihugu cyanyu. Imana yakunze abari mu isi, itanga Umwana wayo w'ikinege (**Yoh. 3:16**).

17 – Pawulo asoza uru rwandiko rwe agaragaza imibabaro yahuye na yo ku bwa Yesu Kristo. Yari afite mu mubiri we inkovu za Kristo. Izi nkovu zigaragaza imibabaro Pawulo yahuye na yo ku bw'ubutumwa bwiza nk'uko tubibona mu (**2 Abakor. 11:23-28**). Inkovu mu Isezerano rishya yarangaga imbata y'umuntu wayishyizeho ikimenyetso ndetse no mu gisirikare byarakoreshwaga kugira ngo umusirikare amenyekane aho abarizwa. Birashoboka ko Pawulo avugaga atyo yari afite ibyo bitekerezo byombi muri we. Yari imbata y'Umwami we Yesu Kristo kandi nanone akaba n'ingabo yitangiye gukorera Umuyobozi n'Umwami we Yesu.

c. Imvugo y'Ubuntu (6:18)

18 – Pawulo ashoje nk'uko yatangiye (**1:3**). Aragaragaza icyifuzo afite gikomeme ko ubuntu bw'Imana bwaba mu mitima ya bene Se bo mu Mwuka. Pawulo yashyize ahagaragara igihata umutima we mu rwandiko rwe. Yingingiye Abagalatiya gushikama ku butumwa bw'ukuri. Amagambo ye ya nyuma agaragaza muri make umurimo we. Amasengesho ye kwari ukubona Abagalatiya bahindukira bakava mu nyigisho z'ibinyoma zigisha imirimo bagakurikira ubutumwa bwiza bw'ubuntu.

Bene Data bakundwa, agakiza kaziye abantu bose ku buntu gusa, ku bwo kwizera gusa, no muri Kristo gusa. Bibiliya irasobanutse aho hantu: Yesu Kristo ni we Nzira y'agakiza dore ko ari na we wafiriye ibyaha byacu, akazukira kugira ngo dutsindishirizwe, ubundi agatanga agakiza ku bantu be nk'impano y'ubuntu. Ku bw'ubuntu bw'Imana mureke tumwegurire ubugingo bwacu bwose, ubundi dusangize ubutumwa bwiza b'ubuntu abari mu isi bose.